# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

Nº. E-67 TARIKI 14-20 NYAKANGA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU
FPR – Inkotanyi yacyeje Perezida Kagame wahawe kuyobora Komisiyo ishinzwe AI



4

UBUKUNGU
Ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda bwinjije asaga tiliyari 2,7 Frw



10

MU NTARA
Kayonza: Umugore uhinga ubwatsi yiyubakiye inzu ya miliyoni 40 Frw



15

SIPORO
Espagne yegukanye Igikombe cy'Isi cya 2026 itsinze Argentine



24


# Politiki ya RPF Inkotanyi ni uguhangana n'ibibazo - Perezida Kagame

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika akaba n'Umuyobozi w'Umuryango RPF - Inkotanyi, Paul Kagame yagaragaje ko Politiki ishingiye ku binyoma no guhimba idafite umwanya muri uyu Muryango ushyize imbere Politiki yo guhangana n'ibibazo hashakwa ibisubizo bifitiye akamaro Abanyarwanda, Afurika n'isi yose muri rusange.***



**Perezida wa Repubulika akaba n'Umuyobozi w'Umuryango RPF - Inkotanyi, Paul Kagame yagaragaje ko Politiki ishingiye ku binyoma no guhimba idafite umwanya**

Perezida Kagame yavuze ko Umuryango RPF Inkotanyi ufite umwimerere n'amateka yawo ari na byo bisobanura byinshi ku nshingano buri Munyarwanda afite, aho yaba ari hose n'imirimo yose yaba akora.

Umukuru w'Igihugu yabikomojeho mu mpanuro yagejeje ku Banyamuryango ba RPF Inkotanyi barenga 2 000 n'abandi bashyitsi, bitabiriye Inama ya Biro Politiki y'Umuryango iteraniye ku cyicaro gikuru i Rusororo guhera ku wa Gatanu tariki ya 17 Nyakanga 2026.

Mu bashyitsi bitabiriye harimo abahagarariye amashyaka ya Politiki, Abadipolomate, abayobozi mu nzego za Leta n'izabikorera, ndetse n'urubyiruko rugize hejuru ya 60% by'abitabiriye.

Perezida Kagamer yagize ati: "Ubundi abantu bavuga RPF cyangwa bavuga andi mashyaka, bikajya muri Politiki gusa, Politiki ikaba rwaserera, ibintu bikaba induru, Politiki numva ya RPF ni uguhangana n'ibibazo tugashaka ibisubizo, nta yindi Politiki. Politiki y'ibinyoma yo guhimba, kubeshya, gushakisha uko watirisha (wariganya) ibyo bita gushushanya rimwe na rimwe, ibyo biguha ibindi bibazo ntabwo biguha ibisubizo, ahubwo byongera ibibazo ku byo wari ufite."

Perezida Kagame yavuze ko mu kubaka u Rwanda Abanyarwanda bifuza ari inshingano ihera ku muntu ku giti cye, ishobora kugera ku ntego Igihugu cyihaye mu gihe buri wese akora inshingano ze uko bikwiye.

Yavuze ko ibyo umuntu yakwivuga byose ariko bitagaragarira mu musaruro upimirwa ku iterambere ry'Abanyarwanda nta gaciro byaba bifite, asaba buri wese guhora yibaza impamvu intego zemejwe zitagerwaho, n'aho umusanzu we waba uhagaze mu bijyanye no gutanga ibisubizo ku ngorane Abanyarwanda bahanganye na zo.

Ati: "Kuko umusaruro ntabwo wawurema gusa ku bwawe ngo abantu babone [ibisubizo] kandi bidahari. Ntabwo wabihimba. Niba abana batajya mu ishuri, ntibari mu ishuri. Ibyo ntabyo wahimba

KOMEZA KU RUP.3

## Abanyeshuri 30 bahize abandi mu Cyongereza bahembwe kujya mu Bwongereza

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yahembye kujya mu Bwongereza no kwishyurirwa umwaka wose amafaranga y'ishuri, abanyeshuri 30 batoranyijwe mu 120 bahatanaga ku rwego rw'Igihugu mu marushanwa y'Icyongereza yiswe 'The Orator English Competition.' Aya marushanwa agamije gutinyura abanyeshuri kuvugira mu ruhame ururimi rw'Icyongereza, kwandika no gutinyuka gusobanura ibitekerezo byabo.***

Abo banyeshuri bahembwe kuri iki Cyumweru tariki ya 19 Nyakanga 2026, ubwo hasozwaga ayo marushanwa, bazamara ibyumweru bibiri mu Bwongereza bihugura muri urwo rurimi. Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph yagaragaje ko aba banyeshuri batsinze babaye intangarugero ku bandi kugira ngo n'abasigaye bigane umurava bamenye Icyongereza.

Yavuze ko kumenya neza Icyongereza bituma babasha kumva n'andi masomo kuko ari rwo rurimi bigamo bityo bagatsinda neza kurushaho ari na ko hanozwa ireme ry'uburezi. Yagize ati: "Bazagaruka ari intangarugero ku bandi kugira ngo na bo bashyiremo umwete. Icyongereza ni cyo twigishamo gusa iyo ururimi barwumvise bakarushaho kurumenya n'ibyo biga bindi yaba imibare, siyansi,

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame yasabye Afurika kutaba insuzugurwa n'ubusa imbere y'abo basabiriza

KAMALIZA Agnes

***Perezida Paul Kagame yasabye Ibihugu byo muri Afurika n'u Rwanda rurimo kutemera kuba insuzugurwa z'abo bahora bategeye amaboko ngo babahe imfashanyo kandi mu by'ukuri ibyo bahabwa na bo babyiha, abasaba kwanga kuba ubusa ahubwo bagakora bagamije gufatanya n'abandi aho gufashwa. Umukuru w'Igihugu yabigarutseho ku wa Gatanu, tariki ya 17 Nyakanga 2026, mu nama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR - Inkotanyi.***

Perezida Kagame yagaragaje ko hari ikibazo gikomeye kimaze imyaka myinshi cy'amateka y'u Rwanda n'ibindi bihugu byo muri Afurika bisa nk'aho bidafite icyo bishyira ku meza ngo bisangire n'abandi ahubwo bigahora bishaka kurya ibyazanywe n'abandi gusa, agaragaza ko ibyo bidakwiye ahubwo haba hagomba kubaho kuzuzanya buri wese yagize icyo azana. Yavuze ko nubwo hari abakenera imfashanyo bakazibona ariko baba bakwiye kwibaza ikibyihishe inyuma.

Yagize ati: "Ni nacyo cyatumye mu mibanire yacu n'ibindi bihugu by'Isi duhora turi abo kugabirwa, gufashwa, rwose twemeye umwanya wo kuba turi aho tuganya dutegereje uwatugoboka. Baraboneka! Abo bagoboka baraza ariko ikibazanye ni imbabazi bagufitiye kubera iki? Kuki bagufitiye imbabazi? Barabaha kubera iki? Ni uko mutari abantu nk'abandi, nta bwenge mufite? Niba ushaka uwo mufatanya mwakuzuzanya gira icyo ushyira imbere nawe uvuge uti: reka twuzuzanye."



Perezida Paul Kagame yasabye Ibihugu byo muri Afurika kwihesha agaciro bikirinda kwisuzuguza

Umukuru w'Igihugu yagaragaje ko buri gihugu hari ibyo kiba gifite gushyira ku meza kandi hari n'ibyo abagituye bakora badategereje ko ab'ahandi babikora, ashimangira ko mu gihe ukorewe ibyo ushoboye uba ubaye ubusa; asaba Abanyamuryango ba FPR - Inkotanyi kutemera kuba gutyo.

Yagize ati: "Buri bantu bafite icyo bafite kugira ngo ugiteze imbere gira icyo ukora; gutegereza ko uw'ahandi azaza we kuko azi icyo kugikoresha akaza kuguha imfashanyo wari ukeneye uba wigize ubusa. Ntimukigire ubusa, ntimuzigire ubusa, RPF ni bwo butumwa nta kwigira ubusa, mukaba ubusa mukemera kuba ubusa? Mukemera ko mushobora kubaho ngo muzagire icyo mutunga, muzagire icyo mukora ari uko undi muntu yaje kubibakoresha cyangwa yabikoreye."

Perezida Kagame yagaragaje ko amateka u Rwanda rwanyuzemo iyo rudahaguruka ngo rwirwaneho rukore rugire icyo rwigezaho ubu ruba rwarabaye ubusa. Yashimangiye ko buri muntu agomba kubanza kumenya icyo afite, atanga, kugira ngo agihuze n'icya mugenzi we hakabaho gukorana buri wese akabigiramo uruhare kandi akabyungukiramo.

# Urubyiruko 771 rwiyemeje kurwanya abasebya u Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Intore z'urubyiruko ruba mu Rwanda no hanze yarwo 771 ziri mu Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16, biyemeje kurwana inkundura barwanya abakomeza gusenya no gusebya u Rwanda bavuga amateka bayagoreka ndetse bakayavuga uko atari, biyemeza gukomeza kubagaragariza ukuri ndetse ntibahweme kubigisha.***

Byagarutsweho ku wa 15 Nyakanga 2026, ubwo urwo rubyiruko ruri gutorezwa ku ishuri ry'amahugurwa rya gisirikari rya Gabiro, rwasuraga Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo Kubohora Igihugu, iri ku Mulindi w'Intwari mu Karere ka Gicumbi, mu rwego rwo kwihugura ku mateka y'u Rwanda.

Iki cyiciro cya 16 cy'Itorero Indangamirwa kiri i Gabiro kuva ku wa 1 Nyakanga kugeza ku wa 10 Kanama 2026; kikaba kirimo abiga n'ababa mu mahanga, abasoje amashuri yisumbuye mu mashuri mpuzamahanga yo mu Rwanda, ababaye indashyikirwa ku Rugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 13 n'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na Kaminuza.



Nyuma yo kwiga amateka y'u Rwanda biyemeje guhangana n'abasebya u Rwanda

Izo ntore zivuga ko nyuma yo kumenya ukudacika intege byaranze ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi ubwo zari ku rugamba, na zo ziyemeje kudacika intege ku rugamba rwo kurwanya abagoreka amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'abasebya u Rwanda ahubwo bakababwiza ukuri ndetse bagashishikariza urubyiruko ruba hanze ruyavuga rutayazi gusura u Rwanda bagasobanukirwa kurushaho.

Bavuga ko bakuye amasomo ku babohoye u Rwanda kuko babikoranye ubwitange kandi bari bafite byinshi byabacaga intege n'ibibasubiza inyuma ariko bakabyima amaso bagakomeza urugamba. Manzi Dylan yagize ati: "Niyemeje guharanira ko ibyo barwaniye tutagomba kubyangiza tukarwanya abavuga amateka uko atari kandi tuzaba intumwa z'abandi duharanire ko Igihugu cyacu ntawukivuga nabi uko kitari duhari."

Keza Bithia na we ati: "Abavuga nabi u Rwanda ntitugomba kubihorera ahubwo tubabwire amateka uko ari kuko usanga hari nubwo avuga u Rwanda ataruzi, ugasanga uwo abibwiye abifashe nk'ukuri ariko twe tuzi ibyabaye tuzajya tubasobanurira."

Umurungi Amanda na we yabishimangiye agira ati: "Inkotanyi zarwanye urugamba rw'amasasu ubu twe turi gukoresha imbaraga dukora cyane kandi tubwiza ukuri abagoreka amateka."

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu,(MINUBUMWE) igaragaza ko Itorero ry'Igihugu ari imwe muri gahunda zigamije kwigisha urubyiruko by'umwihariko urwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 amateka y'u Rwanda.

Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Mahoro Eric avuga ko bifasha urubyiruko gusobanukirwa ibyasenye ubumwe bw'Abanyarwanda, bakamenya icyagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, bakiga indangagaciro na kirazira ndetse n'ibyaranze urugamba rwo kubohora Igihugu ari na byo byubatse ubumwe bw'Abanyarwanda.

Agira ati: "Bituma urubyiruko rumenya ibibi byabaye bakanamenya uko bagomba kwirinda kuko biroroshye gusubiramo amakosa igihe abantu batiyibukije ibihe twanyuzemo ndetse bagakuramo amasomo."

Mahoro yongeyeho ko mu ndangagaciro u Rwanda rusigasira zirimo n'ubumwe kuko ari bwo bwaranze ingabo za RPA Inkotanyi kandi ari na bwo nkingi ya mwamba mu kubaka Igihugu.

Itorero Indangamirwa ubu rimaze gutoza Intore zirenga ibihumbi bitanu, akaba ari gahunda y'Itorero ry'Igihugu yashinzwe mu 2008 igamije gutoza urubyiruko rw'Abanyarwanda baba abiga cyangwa baba mu mahanga, n'abanyeshuri b'indashyikirwa indangagaciro z'umuco Nyarwanda, ubutwari, gukunda Igihugu, no kumenya amateka n'icyerekezo by'u Rwanda.

# Politiki ya RPF Inkotanyi ni uguhangana n'ibibazo - Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

ngo uvuge ko wageze ku ntego yo gushyira abana b'Abanyarwanda mu mashuri. Niba badafite ubuzima bwiza n'ikibarengera, ntabwo wabihimba ngo uvuge ngo Abanyarwanda bageze ku buzima bwiza kandi bidahari.

Iyo bidahari uvuga ibindi, uko ni ukwishyira mu kagozi, ni urubanza wishyizeho ugomba gusubiza. Ibyo tuvuga, ibyo dukora, bigomba kugaragara no mu byo tugezeho iyo binyuranye ubwo hari ikibazo."

Yavuze kandi ko bigoye gukira indwara mu gihe utemera ko uyifite, ahubwo ko birangira ya ndwara utemera cyangwa utazi ko ufite iguhitanye, ari na yo mpamvu Abanyamuryango ba RPF Inkotanyi ari amahirwe baba babonye yo kwisuzuma ngo bamenye ahari ibibazo babishakire n'ibisubizo.

Ati: "RPF rero, uyu mwanya tuba tubonye w'iki kiganiro, ni ukutwibutsa ni no kugira ngo twisuzume. Uwisuzuma kandi iyo yibeshye cyangwa iyo abeshya, ingaruka zabyo zirahari. Niwisuzuma ugasanga nta ndwara ufite wari uyifite, iyo ndwara irakwica kuko waribeshye ntiwayivuza cyangwa ntiwayivura. Iraguhitana..."

Yavuze ko mu bibazo umuntu ashobora kugira harimo ibyo we ubwe yakwikemurira, nk'uko indwara zimwe na zimwe hari izo ashobora kwivura, mu gihe hari n'izishobora kuvurwa n'abandi zigereranywa n'inshingano umuntu aba afite ariko atazishoboye, agakenera abazimufashamo.

Yavuze ko ku birebana n'indwara umuntu ashobora kwivura, nta wundi wabimufashamo kuko iyo Umuyobozi atuzuza inshingano ze uko bikwiye ingaruka zimugeraho zidasize n'abo ayobora kandi umuti w'ibibazo bihari ari we uwufite wenyine.

Yakomeje avuga ko ufite ibibazo byakemurwa n'abandi na bwo aba akeneye guhaguruka akabigaragaza kugira ngo abone ubufasha buturutse ku babishoboye, ari na byo biba bikenewe hagati abantu n'abandi cyangwa hagati y'ibihugu.

# Abanyeshuri 30 bahize abandi mu Cyongereza bahembwe kujya mu Bwongereza

IBIKURIKIRA URUP.1

barushaho kubimenya kuko biri muri urwo rurimi."

Minisitiri Nsengimana yashimangiye ko iyi porogarmu ijyanye n'indi isanzwe ihari yo guhugura abarimu kugira ngo bongere ubumenyi mu rurrimi bityo amahirwe aboneka mu Gihugu no hanze yacyo ntacike Abanyarwanda cyane ko ari rwo rurimi bahahisha mu mahanga.

Bamwe mu bahize abandi bavuga ko insinzi bayikesha kudacika intege kandi n'ubundi bazakomeza kwihugura kuko urugendo rutararangira. Mutara Anabella wiga kuri Lycée Notre-Dame de Cîteaux ari na we wabaye uwa mbere yagize ati: "Ibi birampa icyizere ko nakora n'ibindi birenze ibi kandi ubu ni bwo urugendo rutangiye kuko kumenya ururimi ni uguhora wiga."

Mbonimpaye Jean De Dieu wabaye uwa kabiri na we ati: "Icyo nakuyemo ni ukudacika intege kuko iyo nza kuba narabivuyemo simba ndi aha ubu mu Cyongereza gike cyanjye nzi niba mbashije gutsinda birampa icyizere ko n'ibindi nzabikora kandi nimva hanze hari ubundi bumenyi nzunguka bityo nkakomeza kwihugura."

Mu banyeshuri 30 bahize abandi bazajya mu Bwongeraza 15 biga mu cyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye, (Ordinary Level) mu gihe abandi 15 na bo ari abo mu cyiciro cya kabiri (Advanced Level).

Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Abdallah yabwiye abo banyeshuri ko bafite amahirwe yo kwitoza indimi hakiri kare, abagira inama yo kubikorana umwete ngo babone uko bahangana ku rwego mpuzamahanga.

Yavuze ko bibabaza kuba umuntu afite umushinga mwiza wamubyarira inyungu ariko ku bwo kunanira kuwusobanura



Aba ni abanyeshuri bahize abandi mu Cyongereza



Mutara Anabella yabaye uwa mbere mu marushanwa y'Icyongereza

muri izo ndimi bigatuma atsindwa; abasaba kutabuzwa amahirwe no kutamenya ururimi.

Aya marushanwa azajya aba ngarukamwaka yitabiriwe n'ibigo byose bya Leta n'ibikorana na Leta ku bw'amasezerano.

Ubushakashatsi bwashyizwe hanze muri Kamena 2026, bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) muri Gicurasi 2025, hagamijwe gupima urwego rw'imyigire n'imyigishirize mu Rwanda (LARS) bwagaragaje ko mu rurimi rw'Icyongereza abanyeshuri 76% bose bibagora gusubiza ibibazo by'ibyo basomye, 63% babasha gusoma amagambo, mu gihe 46,6% ari bo bagejeje ku bipimo bishingirwaho mu gusoma ijambo ku rindi (ni ukuvuga amagambo 35 mu munota).

Ubu bushashatsi bukorwa buri nyuma y'imyaka ibiri, bwakorewe ku banyeshuri 22 950 bo mu mashuri 592 mu Turere twose tw'Igihugu biga mu mashuri yo mu mwaka wa gatatu n'uwa gatandatu ubanza ndetse n'abo mu wa gatatu w'ayisumbuye, aho bwapimye amasomo y'ingenzi arimo Ikinyarwanda, Icyongereza, Imibare ndetse na Siyansi.

# FPR – Inkotanyi yacyeje Perezida Kagame wahawe kuyobora Komisiyo ishinzwe AI




**Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR – Inkotanyi, Bazivamo Christophe**

**NYIRANEZA Judith**

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR – Inkotanyi, Bazivamo Christophe, yashimiye Perezida Paul Kagame kuba yaragizwe Umuyobozi Mukuru wa Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe guteza imbere ikoreshwa ry'Ubwenge Buhangano ku rwego Mpuzamahanga 'AI for Good Global Commission' mu Ntangiriro za Nyakanga 2026.***

Yabigarutseho mu Nama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR- Inkotanyi ku wa Gatanu tariki ya 17 Nyakanga 2026, yitabiriwe n'abarenga 2000, yabereye ku Cyicaro Gikuru cy'uwo Muryango giherereye i Rusororo mu Mujyi wa Kigali.

Yagize ati: "Kuyobora Komisiyo yihariye yo kugenzura Ubwenge Buhangano bishimangira ubushishozi n'ubuhanga muyoborana bikomeza guhesha ishema Igihugu cyacu muri rusange kandi bikaduhesha ishema twese nk'Abanyarwanda."

Yavuze ko iyi nama iteranye hashize hafi imyaka 40 Umuryango FPR uvutse ndetse n'imyaka 32 u Rwanda rubohowe kandi ko igishyizwe imbere ari ugusigasira ibyagezweho. Yagize ati: "Muri iyo myaka yose urugendo rwacu rwaranzwe no gushimangira ubumwe bwacu nk'Abanyarwanda, kwimakaza ibiganiro mu kwishakamo ibisubizo, guharanira umutekano no guhora dushishikajwe n'iterambere rishingiye ku mutungo bwite w'Igihugu cyacu no gusigasira ibyagezweho."

Yagarutse ku mibare igaragaza uburyo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, imibereho y'Abanyarwanda yabaye myiza, imyaka y'uburame ikiyongera kimwe no kuzamuka k'ubukungu bw'Igihugu kandi ko bikomoka ku Buyobozi bwiza.

Ati: "Imibare igaragaza ko icyizere cyo kubaho ku Banyarwanda cyamaze kurenga imyaka 70, ivuye ku myaka 46 twari dufite mu 1994. Ubukungu bw'u Rwanda buri kwiyongera hejuru ya 8% mu myaka ishize. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame tubikesha ukureba kure kwanyu muri gahunda zitandukanye n'icyerekezo muha Igihugu cyacu mu bushishozi buhambaye, twagiriyemo amahirwe adasanzwe nk'Abanyarwanda kandi bwagaragariye n'amahanga muri rusange."

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR -Inkotanyi, Bazivamo Christophe yavuze ko nubwo hari byinshi byagezweho hakiri urugendo. Ati: "Nubwo hari byinshi twishimira byagezweho, urugendo ruracyari rurerure, haracyari imbogamizi zimwe ziduturutseho zirimo imikorere ibusanya n'indangagaciro z'Umuryango kuri bamwe n'izindi zituruka ku mikorere ya za politiki ku Isi ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside ikigaragara mu Karere, ibyo byose bigira ingaruka mu buryo bumwe cyangwa ubundi bikaba bidusaba buri gihe guhora twiteguye, tunishakamo ibisubizo."

Yavuze kandi ko abanyamuryango biteguye gutanga ibitekerezo bifasha mu gusesengura no kunoza ingamba, imikorere n'imyitwarire bikomeza imihigo mu kwigira n'ubudasa mu iterambere rirambye.

Urubyiruko n'umuturage ku songa

Bazivamo yagaragaje ko urubyiruko rwahawe amahirwe, kandi ko urwitabiriye inama rugera hafi kuri 60%, arushishikariza kuyibyaza umusaruro.

Ati: "Inama yiganjemo urubyiruko, hafi 60% by'abitabiriye iyi nama ni urubyiruko. Dukomeje gushishikariza no kurufasha rukabyaza umusaruro amahirwe menshi Igihugu kibaha mu rwego rw'ubukungu nko mu buhinzi, ubukerarugendo, inganda n'ikoranabuhanga haba mu rwego rw'imibereho myiza nko mu burezi, n'ubuzima, no mu miyoborere aho benshi bagaragara mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi. Urubyiruko batumiwe ari benshi ni andi mahirwe mwabahaye yo kongera kubona impanuro zanyu mu buryo butaziguye kandi rurabibashimira."

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR – Inkotanyi, Bazivamo yijeje ko impanuro bahabwa bazakomeza kuzishyira mu bikorwa hagamijwe kwigira, kwishakamo ibisubizo no gusigasira icyerekezo cy'Umuryango n'Igihugu muri rusange kandi ko abayobozi bazakomeza gukurikirana mu buryo buhoraho kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama nk'iyi, ibyemezo n'ingamba bitandukanye bya Guverinoma kuko bishyirirwa mu bikorwa mu Midugudu, kugira ngo umuturage ahore ku isonga ahabwe serivisi zinoze.

# U Rwanda na New Zealand bigiye kwiga ku guteza imbere ubucuruzi n'ishoramari



**Ibihugu byombi bigiye gutangira ibiganiro mu bucuruzi n'ishoramari**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Tariki ya 16 n'iya 17 Nyakanga 2026, inzego z'u Rwanda n'iza New Zealand zahuriye mu Nama ya mbere yiga ku hazaza h'Ubufatanye mu Bucuruzi n'Ishoramari (FIT-P) ibera muri New Zealand. Iyo nama yatangajwe kuri uyu wa Gatatu, ubwo ibihugu byombi byasinyanaga amasezerano atangiza ibiganiro bya Politiki hagati y'ibihugu byombi yasinyiwe mu Mujyi wa Auckland.***

U Rwanda rwahagarariwe na Ambasaderi Innocent B. Muhizi, mu gihe New Zealand yahagarariwe n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe ubutwererane mu by'ubukungu Vangelis Vitalis. Nyuma y'isinywa ry'amasezerano, Ambasaderi Muhizi na Vitalis bagiranye ibiganiro by'inzira zigamije kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi no kurushaho guteza imbere inzego z'inyungu ibihugu byombi bihuriyeho.

U Rwanda na New Zealand byatangije umubano wa dipolomasi ku wa 17 Mata 2012, kandi uyu mubano ukomeza gukura uko umwaka utashye. Umubano w'ibihugu byombi ukomezwa cyane n'ubufatanye bifitanye nk'ibihurira mu Muryango w'Ibihugu bikoresha Icyongereza (Commonwealth), bikaba bihuriye ku bubanyi n'amahanga, kubaka ubushobozi bw'abakozi no gushyigikira amahoro n'iterambere.

Mu mwaka wa 1994, igihe New Zealand yari mu Kanama k'Umutekano ka Loni, yabaye kimwe mu bihugu byasabaga ko amahanga afata ingamba zihuse zo guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi. Mu mwaka wa 2010, Colin Keating wari Ambasaderi wa New Zealand muri Loni mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahawe umudali w'icyubahiro n'u Rwanda kubera uruhare rwe mu kurwanya Jenoside yakorewe Abatutsi yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100.

Mu mwaka wa 2019 kandi, New Zealand yashyikirije u Rwanda inyandiko z'amateka zijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, iba igihugu cya mbere kibikoze.

# Rwamagana: Basuye umuhora w'urugamba rwo kubohora Igihugu biyemeza kurinda ibyagezweho



**Abaturage bo mu Murenge wa Fumbwe basuye ahubatswe indake ya mbere Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yabayemo ubwo yari ayoboye urugamba rwo Kwibohora (Ifoto: Tuyisenge Olivier)**



**Bagize umwanya wo gusobanurirwa amateka y'urugamba rwatumye Inkotanyi zifata agace kiswe agasantimetero Ifoto (Olivier Tuyisenge)**




**Uru rugendoshuri rwatangiriye ku gusura umupaka wa Kagitumba aharasiwe isasu rya mbere ryo gutangiza urugamba rwo kubohora Igihugu ku wa 1 Ukwakira 1990 (Ifoto: Tuyisenge Olivier)**

MICOMYIZA Barinda Fidele

*Abaturage 194 bo mu nzego zitandukanye mu Murenge wa Fumbwe mu Karere ka Rwamagana mu Ntara y'Iburasirazuba, basuye umuhora w'urugamba rwo kubohora Igihugu mu Karere ka Nyagatare basobanurirwa amateka yaranze uru rugamba, uko rwateguwe, ingorane Inkotanyi zahuriyemo na zo, biyemeza kurinda no gusigasira ibyagezweho.*

Ni igikorwa cyabaye kuri uyu wa 19 Nyakanga 2026, cyateguwe n'Ikigo gisanzwe gitegura ingendoshuri ziganjemo iza gikirisitu nk'izo ku butaka butagatifu bwo mu Rwanda, Israel, Misiri na Turikiya, kizwi nka Oldfox Tours and Travel ku bufatanye n'Umurenge wa Fumbwe wo mu Karere ka Rwamagana.

Uru rugendoshuri rwaranzwe n'ibikorwa bitatu birimo gusura umupaka wa Kagitumba aharasiwe isasu rya mbere ryo gutangiza urugamba rwo kubohora Igihugu ku wa 1 Ukwakira 1990, nyuma y'amabwiriza bari bahawe na Maj. Gen. Gisa Fred Rwigema.

Basuye n'umusozi wa Nyabwisho ngwezi aho Maj. Gen Rwigema yarasiwe n'umwanzi, ndetse basura n'agace ka Gikoba mu Murenge wa Tabagwe ahaherereye ubutaka bwiswe 'Agasantimetero'. ari bwo butaka bwa mbere bwafashwe n'ingabo za RPA.

Banasuye indake Perezida Paul Kagame yateguriragamo uru rugamba rwagejeje ku ntsinzi yo kuhobora u Rwanda.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Fumbwe mu Karere ka Rwamagana, Muhigirwa David, yavuze ko ubwo u Rwanda rwizihizaga imyaka 32 rumaze rwibohoye, batekereje ko bimwe mu mateka n'ibiganiro bagiye bagira bazabishingiraho bakaza gusura uyu muhora w'urugamba rwo kubohora Igihugu.

Yagize ati: "Icyari kigenderewe ni ukumenya ngo ese amateka tuvuga yaho igihugu cyacu cyakomotse, uyu munsi tukaba turirimba amahoro, umutekano, iterambere tumaze kugeraho, byaturutse hehe, byahereye kuki, iyo ni yo ntego nyamukuru yatumye tuza hano."

Yakomeje avuga ko bize amasomo menshi azatuma barushaho kuba abaturage beza, ati: "Amasomo twigira muri iki gikorwa, icya mbere dushingiye ku biganiro twagiye duhabwa muri uru rugendo, ikintu cya mbere kirimo ni ubumwe bw'Abanyarwanda, gushyira hamwe, kwihangana, gufatanya, gushyigikirana, dusanga byose tubihagazeho twagera ku iterambere twifuza."

Muhigirwa kandi yavuze ko umubare munini wabo bazanye ari urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi kugira ngo bo ubwabo babanze bahagere barebe izi nzira z'amateka y'Igihugu, n'iterambere ry'Igihugu cyacu aho bikomoka, kugira ngo na bo ejo nibasigara ari abayobozi bazabe bazi amateka y'Igihugu cyacu kugira ngo babashe kurinda ibyagezweho kandi babikomeze bubakiye ku byo u Rwanda rwagezeho."

Gihozo Aime Fiston ni umwe mu bitabiriye uru rugendo ariko akaba n'umwarimu w'amateka mu cyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, ku kigo cya G.S Sasabirago cyo mu Karere ka Rwamagana mu Murenge wa Fumbwe, yashimye cyane uru rugendo kuko hari icyo rumwongereye haba mu kazi ndetse no buzima busanzwe.

Yagize ati: "Nigisha Amateka ndetse n'Ubumenyi bw'Isi, uru rugendo rugiye gutuma ndushaho gusobanurira abana amateka neza kurusha mbere kuko hari ibyo nabigishaga mu magambo gusa ibikorwa ntabifite, ariko ubu nzajya nigisha nsobanure nkoresheje ibihamya bibishyigikira ku buryo ninjya gusobanura uko urugamba rwo kubohora igihugu rwagenze, kwa kundi mu gitabo biba biri mu nshamake, nzagerageza kubisobanura mu buryo bwimbitse bose bakumva uko urugamba rwose rwagenze."

Yakomeje avuga ko amwe mu masomo yahigiye harimo n'imbaraga n'umuhate Inkotanyi zakoresheje zongera kubaka u Rwanda. Ati: "Izo mbaraga n'umuhate nanjye nzazigenderaho mu kugerageza kubahiriza inshingano zanjye n'ibindi bikorwa nshobora kuzashingwa mu gihe kiri imbere."

Kantengwa Allen yavuze ko kuba baje muri uru rugendo ari ingenzi cyane kuko bizatuma babasha kurera abana babo bijyanye n'umurongo w'igihugu bifashishije ibyo bize uyu munsi.

Umuyobozi Mukuru wa OldFox Tours and Travels yateguye iki gikorwa, Uwera Winnie, yagaragaje ko kumenya amateka y'igihugu by'umwihariko ubutwari bwaranze ababohoye igihugu bifasha Abanyarwanda kugira ishyaka n'umurava mu byo bakora byose ndetse no gukomeza kurinda neza ibyagezweho.

Yongeyeho ko intego yabo ari ugusigasira ibyo igihugu cyagezeho. Ati: "Icyo twifuza ni kubaka amateka y'igihugu cyacu kugira ngo aba bantu bemeye gutanga ubuzima bwabo, bemeye gusiga ibyabo, dusigasire ibyo bagezeho, kugira ngo n'igihe bazaba bageze mu zabukuru urubyiruko ruzaba ruri inyuma ruzabe ruzi aho tuvuye, aho tugeze naho tujya.

Nk'umuntu ukora ibikorwa byo gutegura ingendo, nifuza gukorana n'inzego za Leta, iz'abikorera, abacuruzi, iz'urubyiruko kugira ngo twese dufatanye kuzamura amateka y'igihugu cyacu tuyamenyekanishe no mu ruhando mpuzamahanga."

# Mulindi: Byinshi ku Ngoro y'Amateka y'Urugamba rwo Kubohora Igihugu

**KAMALIZA Agnes**

***Hari bamwe batekereza ko urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi rwatangiye ku wa 01 Ukwakira 1990 rugasozwa ku wa 04 Nyakanga 1994, rwarwanywe n'abagabo gusa, ntibamenye ko abagore bagize uruhare rukomeye rwatumye amateka yabo yandikwa mu Ngoro y'Amateka y'Urugamba rwo Kubohora Igihugu, iri ku Mulindi w'Intwari mu Karere ka Gicumbi.***

Iyo Ngoro iri mu Ntara y'Amajyaruguru, Akarere ka Gicumbi, Umurenge wa Kaniga, iyo uyisuye mu byo uhasanga harimo n'inzu y'abagore, bari mu ishami ry'abagore bagize uruhare rukomeye mu buyobozi, gukangurira abantu kwitabira urugamba, no gukangurira abaturage gushyigikira abari ku rugamba.

Aha ku Mulindi kandi uhasanga ikibuga cy'umupira w'amaguru. Hari ahantu h'ingenzi hakorerwaga ibikorwa byinshi mu gihe cy'urugamba, ari na ho hatangiwe amapeti ya mbere yemewe ku basirikare ba RPA Inkotanyi, hanavukira ikipe y'umupira w'amaguru ya APR Football Club ndetse hanatangirwa amabwiza kuri batayo ya 3 mbere yo kujya i Kigali.

Hari kandi icyumba cy'inama cyari ahantu h'ingenzi abayobozi b'Umuryango RPF n'ingabo za RPA bahurizaga ingamba, ibikorwa bya gisirikare n'ibyemezo bikomeye byagize akamaro mu gihe cy'urugamba.

Gusa mbere yuko Inkotanyi zihagera icyo cyumba cyari ahantu abakoraga mu ruganda rw'icyayi rwa Mulindi bariraga ariko hamaze gufatwa hahindutse icyumba cy'inama ari na ho uwari Umugaba Mukuru w'Ingabo za RPA, Nyakubahwa Paul Kagame yabwiriwe amakuru y'iraswa ry'indege y'uwari Perezida w'u Rwanda, kuwa 06 Mata 1994.

Ku Mulindi w'Intwari hari inzu yitwa 'Arusha' yakoreshwaga n'abagize umuryango n'abanyapolitiki b'Umuryango RPF mu guhuza ibikorwa no gufata ingamba mu byaberaga mu biganiro by'amasezerano y'amahoro ya Arusha, binyuze mu gusangira amakuru no gusuzuma ingamba.

Amasezerano y'Amahoro yasinyiwe Arusha muri Tanzania ku ya 4 Kanama 1993, yari agamije guhagarika intambara no kugarura amahoro mu Rwanda.

Yasinywe n'ubutegetsi bwariho bwa Perezida Juvénal Habyarimana na FPR Inkotanyi, akubiyemo ingingo nyamukuru zo guhagarika intambara, ishyirwaho rya Guverinoma y'inzibacyuho yaguye, no kuvanga ingabo z'impande zombi.

Hari inzu kandi yabagamo ikanakorerwamo n'Umuyobozi wa kabiri w'Umuryango RPF Inkotanyi Col. Alex Kanyarengwe, mu guhuza gahunda, itumanaho n'umutekano mu gihe cy'urugamba rwo kubohora u Rwanda.

Ku Mulindi ni ho hari icyicaro gikuru cy'Umugaba Mukuru w'Ingabo za RPA, Paul Kagame. Habaye icyicaro cye gihoraho kuva mu 1992 kugeza mu 1994. Ni ho hari indake yabagamo, ikozwe mu ishusho y'inyuguti ya 'L', n'indi ndake y'itumanaho yatangiragamo amabwiriza.



**Indake n'inzu yabagamo Umugaba Mukuru w'Ingabo za RPA-Inkotanyi**

Hari inzu byegeranye yabagamo, irimo icyumba kihariye gifite amadirishya akingukira imbere n'inyuma n'urukuta rukomeye rutashoboraga kumenwa byoroshye.

Amakuru yemeza ko impamvu ingabo za RPA zafashe ku Mulindi ari uko ari agasozi kihariye gashobora kugenzura indi misozi yose igakikije ariko yo ntikagenzure, hari ibikorwa remezo kuko hari uruganda rw'icyayi ndetse hari hagati na hagati ku buryo Umugaba Mukuru yagenzuraga ingabo byoroshye.

Uru rugamba rwari ruyobowe n'Umuryango FPR-Inkotanyi n'ingabo za RPA, ku isonga hari Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika ay'u Rwanda, rukaba rwarabaye intandaro yo kubohora u Rwanda no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# U Rwanda rwasimbuje abapolisi mu butumwa bw'amahoro muri Santarafurika

**IMVAHO NSHYA**

***Ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda bwakiriye itsinda ry'abapolisi 210 bavuye mu butumwa bwo kubungabunga amahoro muri Santrafurika, aho bari bamaze umwaka, basimburwa na bangenzi babo.***

Ni igikorwa cyabaye mu ijoro ryo ku wa 15 Nyakanga 2026, cyiyoborwa na CP Yahaya Kamunuga, wari uhagarariye ubuyobozi bwa Polisi y'Igihugu, Itsinda ryakiriwe ryari riyobowe na SSP Jean D'Amour Ndagijimana, aho ryari rimaze umwaka muri Santarafurika.

Basimbuwe n'irindi tsinda ry'abapolisi ryahagurutse i Kigali mu gitondo cyo ku wa Gatatu, riyobowe na SSP Emmanuel Busasa, na ryo rikaba rizamara umwaka muri Santarafurika mu butumwa bwo kubungabunga amahoro.

CP Yahaya Kamunuga, yashimiye aba bapolisi bagarutse mu gihugu imirimo myiza bakoze, ubunyamwuga, imyitwarire iboneye n'ubwitange bagaragaje mu gihe cyose bamaze mu butumwa.

Yagize ati: "Nishimiye kubakira mu gihugu no kubashimira mu izina rya Polisi y'u Rwanda. Mwashyize mu bikorwa inshingano zanyu kinyamwuga, mukorera kure y'imiryango yanyu, kandi mugaragaza ubushobozi n'urwego rw'imikorere rwari rwitezwe nk'uko bisanzwe ku Banyarwanda bari mu butumwa bwo kubungabunga amahoro."




**Abapolisi 210 bavuye mu butumwa bwo kubungabunga amahoro muri Santrafurika, aho bari bamaze umwaka**

Yakomeje agira ati: "Ni ishema kugira uruhare mu kubungabunga amahoro n'umutekano ku rwego mpuzamahanga. Niba mwarashoboye kuzuza neza izi nshingano hanze y'igihugu, nta gushidikanya ko muzakomeza gukorera igihugu n'ubwitange mu rugendo rwacyo rw'iterambere."

SSP Jean D'Amour Ndagijimana yavuze ko abapolisi bakoze neza inshingano bari bashinzwe zirimo; gukora amarondo, kurinda abayobozi bakuru no kubungabunga umutekano n'ituze rusange ry'abaturage bari bashinzwe kurinda. Yavuze kandi ko, uretse inshingano z'umutekano, aba bapolisi banagize uruhare mu bikorwa byo kwegera abaturage bigamije gushimangira imikoranire hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage.

Yagize ati: "Twitabiriye kandi ibikorwa by'iterambere rusange by'imibereho myiza nk'umuganda, dufasha abaturage kubona amazi meza, ubuvuzi, guha ibikoresho by'ishuri abanyeshuri ndetse tunifatanya na bo mu bikorwa bya siporo. Ibi byafashije guteza imbere ubufatanye hagati y'abaturage n'inzego z'umutekano, binagira uruhare mu kuzamura imibereho y'abo mu byo twakoraga dutanga serivisi."

Hashize imyaka 12 u Rwanda rutangiye kohereza abapolisi mu bikorwa bya MINUSCA, aho bakomeje kurangwa n'ubunyamwuga, bagateza imbere amahoro, umutekano n'ubudahangarwa bw'abaturage mu bihugu byugarijwe n'amakimbirane.

U Rwanda rufite amatsinda ane y'abapolisi mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye muri Repubulika ya Santarafurika (MINUSCA) mu mijyi irimo Bangui, Bangassou na Kaga Bandoro.

Inkuru iboneka ku rubuga rwa Polisi y'Igihugu

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Urubyiruko rukwiye guharanira kubaka ahazaza hazira kuzicuza mu gihe kizaza*

Imwe mu ntege nke z'urubyiruko rwinshi rwo mu kinyejana cya 21 ni uko rukunda kugendera ku byiyumviro by'ibirunezeza cyane, aho gukoresha ubwenge n'amahitamo ashikamye ku guharanira kubaka ahazaza hazira kuzicuza mu gihe kizaza.

Perezida wa Repubulika Paul Kagame, mu Nama ya Biro Politiki y'Umuryango RPF-Inkotanyi, yabwiye urubyiruko ko ibyiyumviro byiza (good vibes) ubwabyo bidashobora kubaka umuryango, ariko umuryango wubatse umusingi muzima ushobora kugira igihe gihagije cyo kwinezeza.

Yagize ati: "Turashaka kubaka umuryango wihagije. Ntushobora kubakira umuryango wihagazeho ku kwinezeza (good vibes), ariko umuryango wishoboye ushobora kwinezeza."

Mu butumwa yahaye urubyiruko, Perezida Kagame yarugaragarije ko ikintu cya mbere kigora abageze mu zabukuru ari ugusubiza amaso inyuma bakabona ko hari ibyo bagombaga kuba barakoze neza batakoze bagifite imbaraga n'ibitekerezo bizima.

Imyaka y'ubusore ni yo umuntu aba afitemo amahirwe menshi yo kubyaza umusaruro, icyizere n'imbaraga zo gukora abakuze baba batakibasha gukozaho imitwe y'intoki.

Iyo usubije amaso inyuma mu myaka 36 ishize, urubyiruko rwari impunzi mu bihugu by'amahanga ni rwo rwafashe iya mbere mu gufata intwaro, rukiyemeza kuza kubohora u Rwanda rushyira iherezo ku miyoborere mibi yari yuzuye ivangura n'amacakubiri.

Uyu munsi abari urubyiruko icyo gihe ni abasaza n'abakecuru, ababyeyi bafite urubyaro ruri mu kigero nk'icyo barimo ubwo bafataga icyemezo gikomeye cyarimo no kwiyemeza gutanga ubuzima bwabo ku bw'impamvu yakuyeho benshi urubwa rwo kutagira Igihugu.

Uyu munsi, abana bashibutse ku mbuto z'ubutwari ntibagihangayikiye kubura Igihugu kuko bakivukiyemo ndetse bakurira mu Rwanda rufite icyerekezo cyiza. Ariko imbaraga z'urubyiruko zidakoreshejwe cyangwa ziyobowe mu bitagira umumaro, zitesha agaciro ibyo ababyeyi babo baharaniye.

Kubaka ubuzima bwiza ntibirangirira gusa ku kwishimira ibyagezweho, ahubwo bikomereza no ku guhora uharanira ko nta cyabisubiza inyuma, binyuze mu kubyubakiraho no kurushaho gushingira umusingi uhamye n'ibindi bisekuru bizishimira gukomeza kurinda.

Aho kuryoherwa n'ibinezeza by'uyu munsi ukazagera mu zabukuru ntacyo usigiye abagukomokaho, buri wese afite amahirwe yo gukoresha imbaraga n'ubwenge mu kuba ingirakamaro kugira ngo kwinezeza bizabere ahubatswe umusingi uhamye.

**Ubwanditsi**

# Ibihugu 7 birigira ku Rwanda guhuza amakuru y'ubuzima hifashishijwe ikoranabuhanga

**KAMALIZA Agnes**

***Abakozi n'inzobere mu nzego z'ubuzima bo mu bihugu birindwi byo muri Afurika bari mu Rwanda aho bari kwiga imikorere y'Ikigo cy'Igihugu gikusanya kikanasesengura amakuru y'ubuzima cyifashishije Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano, (National Health Intelligence Center/ NHIC) gikomeje gufasha u Rwanda gufata ibyemezo by'ubuzima bihamye kandi byihuse.***

Aba bakozi baturutse mu bihugu birimo Burkina Faso, Ethiopia, Liberia, Senegal, Sierra Leone, Togo na Zambia bari mu Rwanda mu gihe kingana n'ibyumweru bibiri; batangiye kwiga no gusangira ubunarariibonye ku wa 13 Nyakanga 2026, aho bari kwigira ku Rwanda uko runoza imikorere y'urwego rw'ubuzima hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho.

Bavuga ko u Rwanda ari kimwe ubunararibonye."

Yagaragaje ko nibura mu myaka itatu iri imbere hari ibyo Ethiopia izaba ikora yigiye ku Rwanda, birimo nko gukoresha ikoranabuhanga mu bigo nderabuzima n'amavuriro aho gukoresha cyane impapuro, ndetse bafite ingamba ko mu 2030 nibura 80% by'ibigo nderabuzima bizaba bifite uburyo bw'ikoranabuhanga buhujwe.

Massoud Mohamed avuga ko Ethiopia iri kwiga uko hashyirwaho Ikigo gikusanya amakuru y'ubuzima kizafasha abafata ibyemezo hashingiwe ku makuru ahari, nubwo hashobora kuzabaho imbogamizi z'ibikorwa remezo bitewe n'ubunini n'ubwinshi bw'abaturage b'icyo Gihugu aho gituwe n'abarenga miliyoni 130, gifite amavuriro y'ibanze arenga 70 000, ibigo nderabuzima 3 000 n'ibitaro birenga 400.

Umukozi ushinzwe imikorere ya za mudasobwa muri Minisiteri y'Ubuzima indwara uvura idashobora no gukira. Minisitiri Dr Nsanzimana ashimangira ko kuba ibihugu bitandukanye biri kwigira ku Rwanda bigaragaza ko hari intambwe imaze guterwa ariko n'urugendo rugikomeje.

Ati: "Nubwo natwe turi kwiyubaka ariko hari abashima ibyo dukora bakaba baza kwiga." Avuga ko kuba u Rwanda rufite ikigo gikusanya kinasesengura amakuru y'ubuzima hose mu Gihugu (NHIC) byaje koroshya ibintu byakorwaga umwanya munini kugira ngo bikorwe byihuse kandi vuba.

Yongeyeho ati: "Ushobora kwicara muri icyo cyumba ukahava umenye uko Igihugu cyose giteye mu buzima, ukamenya abagize umuriro mwinshi, ababyeyi babyaye uko bangana, ukamenya abana bavutse uko bangana, abagize ibibazo babyara, ibyo byose ukabibona mu cyumba kimwe, ahantu hashobora kuva icyorezo; mbere byasabaga gukoresha inama ukajya no mu bice byose ugasanga ntibishoboka ko




**Ibihugu bya Afurika biri kwigira ku Rwanda guhuza amakuru y'ubuzima hifashishijwe ikoranabuhanga**

mu bihugu bikomeje gutera imbere mu ikoranabuhanga mu buvuzi hashingiwe ku mikorere y'Ikigo NHIC gikomeje gufasha ubuvuzi bw'u Rwanda gufata ibyemezo bishingiye ku makuru y'ukuri, aho iyi gahunda igamije kongerera ubushobozi ibihugu bya Afurika kubona byoroshye amakuru y'ubuzima no gufata ibyemezo biyashingiyeho.

Umukozi muri Minisiteri y'Ubuzima muri Ethiopia, Massoud Mohamed avuga ko hari ibyo u Rwanda rwagezeho bitera imbaraga ibindi bihugu byatangiye urugendo bityo ko ubu bufatanye hagati y'ibihugu byombi ari ingenzi cyane kuko buri wese azi imbogamizi agifite n'ibyo ashobora kwigira kuri bagenzi be. Agira ati: "Turiga uburyo bwo gukemura ibibazo kandi hari ubwo usanga ibibazo byacu tubihuriyeho tukaba twasangira

ya Sénégal, Siny Fall avuga ko Igihugu cye cyitabiriye kuko bizeye ko barebera hamwe uburyo amakuru yakusanyijwe yabyazwa umusaruro hagamijwe kunoza imikorere mu rwego rw'ubuzima bigiye ku byo u Rwanda rwakoze.

Agira ati: "Twaje hano mu Rwanda kugira ngo twige uburyo u Rwanda rwashyizeho ikigo cyarwo, kugira ngo tubigireho ndetse tukarenza ibyo u Rwanda rwakoze. Ni ingenzi guhuza amakuru ava ahantu henshi no kuyakoresha kugira ngo afashe gufata ibyemezo."

Minisitiri w'Ubuzima w'u Rwanda, Dr Sabin Nsanzimana avuga ko Ubuyobozi bw'u Rwanda bushishikajwe no gushyira imbere ikoranabuhanga rijyana no kumenya amakuru, agakoreshwa neza kuko mu buvuzi iyo utazi

wabona ayo makuru yizewe."

Ikigo NHIC cyatangijwe ku mugaragaro na Minisiteri y'Ubuzima ku wa 03 Mata 2025, ubwo u Rwanda rwakiraga Inama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa rya AI muri Afurika. Cyashyizweho hagamijwe gukoresha amakuru y'ubuzima akusanywa na AI mu nzego zose z'ubuzima ako kanya, kugira ngo u Rwanda rubashe gufata ibyemezo bishingiye ku bimenyetso (evidence-based decisions) mu rwego rw'ubuvuzi n'ubuzima rusange.

Iryo koranabuhanga ry'ubwenge buhangano rikusanya rikanasesengura amakuru aturuka mu Bajyanama b'Ubuzima, mu mavuriro y'ibanze, ibigo nderabuzima, Ibitaro by'Uturere, Ibitaro Bikuru ndetse no mu mavuriro yigenga.

# Perezida Kagame yavuze ku buryo yafungiwe i Paris mu 1991



Perezida Paul Kagame yatanze ubuhamya ku buryo yafungiwe i Paris

NTAWITONDA Jean Claude

***Ni inkuru Perezida wa Repubulika Paul Kagame avugaho gake, ariko atazigera yibagirwa ndetse n'amazina y'abo bahuye ku wa 22 Nzeri 1991 ahamya ko atazigera asibama mu ntekerezo kuko yari azi ko agiye mu biganiro by'amahoro i Paris mu Bufaransa, yisanga imbere y'abamuhatira guhagarika urugamba rwo kubohora igihugu, nyuma bimuviramo gufungwa.***

Mu nkuru yaviriye imuzingo abitabiriye Biro Politiki y'Umuryango RPF Inkotanyi kuri uyu wa Gatanu tariki ya 17 Nyakanga, Perezida Kagame yagarutse ku ifatwa rye n'ibiganiro yari yabanje kugirana n'abayobozi b'u Bufaransa, nka Paul Dijoud wari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ububanyi n'Amahanga muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Bufaransa, ndetse n'umuhungu wa Perezida François Mitterrand witwa Jean Christophe Mitterand.

Ibyo biganiro biri mu bintu byinshi arebaho agahamya adashidikanya ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe ndetse ikanashyirwa mu bikorwa mu mugambi wateguwe igihe kinini nubwo kugeza n'uyu munsi hari abavuga ko Abanyarwanda bakabya iyo babivuga batyo.

Perezida Kagame yavuze ko ajya kwerekeza mu Bufaransa, abanyamuryango ba RPF Inkotanyi bari bamubujijje, ariko na we akabereka ko kujya muri ibyo biganiro byari ingenzi kugira ngo batazafatwa nk'abantu bakunda kurwana badashaka amahoro.

**Ubuhamya bwa Perezida Kagame**

Perezida Kagame yatangiye abaza Tito Rutaremara niba yamwibutsa ko yari mu bantu bari kumwe ubwo bitabiraga ubutumire i Paris.

Ati: "Tito, uri mu bantu twari kumwe mu mwaka wa 1991 i Paris mu nama na Paul Dijoud? Ni izina ntashobora kwibagirwa. Ariko ndibuka Bihozagara, ndibuka, wari uhari nawe?"

**Tito Rutaremara: Oya, ahubwo naje mbere.**

Perezida Kagame: Twarahagusanze, ni yo mpamvu nabanje kugira urujijo. Abo najyanye na bo ni ba nde?

**Tito Rutaremara: Ni Bihozagara wari wazanye na Dr. Ndahiro.**

Perezida Kagame: Ndibuka ko bari nk'abantu batanu, ariko nibura twaguhaye iyo nkuru nyuma y'inama.

**Tito Rutaremara: Yego ndayibuka.**

Perezida Kagame: Ibintu bibiri byarabaye, kandi ibi ndabivuga kubera ko vuba aha hari ikindi kintu gishishana cyabaye.

RPF twatumiwe i Paris, aho twagombaga guhura na bamwe mu bantu bo muri Guverinoma ya Habyarimana. Mu byo twabwiwe, twagombaga kuganira ku mahoro. Mu by'ukuri RPF nari mbereye Visi Chairman icyo gihe, yashimangiye ko ntakwiye kujyayo.

Kubera ko bavugaga bati: ariko urebye ibi bintu byose birimo kuba, icyo gihe hari tariki ya 22 Nzeri 1991, abantu bakomeje kumpatira kutajyayo kubera ko hari ibibazo byinshi, ahubwo bari banatewe inkeke n'umutekano wanjye n'ibindi.

Narababwiye [Abafaransa] nti: ariko dufite Chairman, akwiye kuba ari we uza, bati: "Oya ni wowe dushaka!" Ibyo bizamura impungenge ku bantu bacu, bavuga ko ntakwiriye kugenda ariko ndatsemba ndababwira nti: ndagenda kubera ko nintajyayo ngo tugaragare ntituzigera twumvwa, bazatekereza ko duhari gutyo gusa turwana ariko tudashaka amahoro.

Rero naragiye, ibintu bike byarahabaye, tuhageze twakoze inama hari mu gitondo. Nahuye n'abantu batandukanye, umwe muri bo ni umugabo wari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ububanyi n'Amahanga mu Bufaransa, uwo mugabo yitwaga Paul Dijoud.

Naramukurikiranye, nyuma yaje kuba Ambasaderi w'u Bufaransa muri Mexique, ajya n'ahandi hatandukanye. Uyu munsi ni umusaza nkanjye, ariko ari mu myaka igera muri 96. Nahuye na we, mpura n'umuhungu wa Mitterand, nari ngiye gukubitirwa kunanirwa kuvuga amazina yabo neza.

Mu nama rero, uwo mugabo witwa Paul Dijoud yakomeje kuntunga urutoki, avuga ati: "Mugomba guhagarika kurwana. Nageregeje kumusobanurira nti: urabona si uko tunezezwa no kurwana, ntiturimo kurwana kubera ko bidushimisha ahubwo turwana kubera impamvu; munyurira mu mateka.

Yakomeje guhatiriza maze ibiganiro bizamo impaka kubera ko narakaye musubiza mu buryo butamushimishije. Yavuze [n'agasuzuguro] ati: "Oya mugomba guhagarika kurwana kubera ko nimutabikora, n'iyo mwafata Kigali nta bantu banyu muzahasanga."

Ibyo ni ibyo yambwiriye mu nama. Mbere na mbere sinahise numva ibyo ashatse kuvuga: ngo nta banjye nzasangayo? Ariko mu mvugo itajimije byari bisobanuye ko bazicwa. Nyuma rero inama yarabaye irarangira ariko ntiyari inama nziza, maze ubwo twari turimo gusohoka yaraduherekeje tugeze muri koridoro arangije aravuga ati: "Nizeye kuzongera guhura namwe ubwo uzaba uri Umugaba w'Ingabo nshya z'u Rwanda." Ndamubwira nti, Yego Muyobozi! Naravuze nti: Ibyo, igihe bizaba wizere ko nzakora akazi kanjye neza cyane. Ibyo ni byo namubwiye.

Icyo gihe nagombaga kurarayo nkagaruka bukeye, maze muri hoteli narayemo, ntekereza ko hari muri Hoteli Hilton. Nari ndi kumwe na Dr. Ndahiro ndetse na Tom Byabagamba. Igicuku kinishye ahagana saa kumi z'igitondo, naricuye nsanga amatara acanye mu cyumba nzengurutswe n'abantu batandatu cyangwa barindwi bafite imbunda.

Ntibari bambaye imyenda ya gisirikare, ahubwo bari bambaye amakoti. Narabyutse ndababaza nti: muri ba nde? Maze umwe muri bo abwira bagenzi be ati: "Mwamwumvise, aranavuga Icyongereza." Icyo gihe nari mu mwanya utari wo. Barambaza bati: "Ibyangombwa byawe biri he? Zana isanduku (briefcase) yawe?" Mbere y'uko nyibafungurira bari bamaze kuyica.

Ariko nakomeje kubabaza nti: muri ba nde? Ubwo nakomezaga kubabaza, narungurutse inyuma y'umuryango uduhuza n'aho Dr. Ndahiro na Tom Byabagmba bari bari, mbona babicaje hasi bambaye amapingu.

Njye ntabwo banyambitse amapingu, narababajije nti: ariko ni ibiki birimo kuba? Byari bikomeye, nyuma baradutwaye batujugunya muri gereza. Sinari nzi ibyo ari byo kuko bwari ubwa mbere ngeze i Paris, ikaba n'inshuro ya mbere ngeze muri gereza.

Ntekereza ko ari na yo nshuro ya nyuma, kuko guhera icyo gihe kugeza uyu munsi nta yindi gereza nigeze njyamo. Badushyize ahantu mu nzu yo munsi y'ubutaka (basement) badukingiraniramo barahadusiga. Nyuma y'aho hari abandi bantu baje ahagana saa cyenda.

Mu by'ukuri impamvu nibuka ko Bihozagara yari ahari, bari bamenye aho batujyanye sinzi uko bafashijwe n'abantu bari mu Bufaransa bari baziranye, maze tubona Jean Carbonare na Bihozagara. Yari inshuti yacu y'Umufaransa yitwaga Carbonare.

Barahageze muri iyo gereza yo munsi y'ubutaka, ntekereza ko bari bazi aho turi, bagerageza kuduha ibyo kurya nanga kubirya, narababwiye nti: nta kintu ndi burye nkiri muri iyo gereza. Batuzaniye imigati n'amata kubera ko twari twanze kurya ibiryo bya gereza. Nyuma bashatse kuduhata ibibazo, na ko barabikoze. Bagerageje kunshyiraho akantu gatahura umuntu ubeshya ndabyanga. Narababwiye nti: ntako nemera gushyirwaho. Nababwiye ko niba bashaka kunyicira aho babikora.

Nyuma y'aho barambajije bati: "Ni nde mwahuye?" Navuze Paul Dijoud, barambaza bati: "Undi mwahuye ni nde?" Ndavuga nti: "Christophe Mitterand." Baravuga bati: "Reka reka yitwa Jean Christophe Mitterand!"

[Abari muri Biro Politiki y'Umuryango FPR Inkotanyi baraseka….]

Barambwiye bati: Subiramo, ndababwira nti: oya simbisubiramo. Ndababwira nti: si njye wamuhaye ayo mazina. Hanyuma ahagana nka saa mbiri zuzuye baraturekuye muri iryo joro ndataha, mva i Paris nerekeza i Buruseli [mu Bubiligi] aho nagombaga gutegera indege ku munsi ukurikira nkagaruka imuhira.

Mbabwiye iyi nkuru, kubera ko kuba umuntu yaratubwiye ko hari ikintu cyajyaga kuba ku bantu bacu, avuga ati: "Nubwo mwafata i Kigali nta bantu banyu muzahasanga. Ntimuzasanga bakiri bazima", nyuma naje kubihuza n'amateka n'ibyabaye nyuma, nta kindi nari gukora uretse kwanzura ko icyo ari cyo byari bisobanuye. Bari bafite amakuru y'ibyendaga kubaho.

# Ntituzemera usenya u Rwanda afasha FDLR, nzaceceka napfuye - Perezida Kagame



Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yavuze ko u Rwanda rutazarebera uwo ari we wese ushaka guhungabanya umutekano warwo

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yavuze ko u Rwanda rutazigera rwemerera uwo ari we wese ushaka guhungabanya umutekano warwo afatanyije n'umutwe wa FDLR, ashimangira ko ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) kitatangijwe n'u Rwanda, ahubwo ko rwisanze rugerwaho n'ingaruka zacyo. Yabitangaje ku wa Gatanu, tariki ya 17 Nyakanga 2026, mu kiganiro kirambuye yahaye abitabiriye Inama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-Inkotanyi.***

Perezida Kagame yavuze ko mu myaka myinshi ishize u Rwanda rwakomeje gusobanurira amahanga inkomoko y'amakimbirane yo mu Burasirazuba bwa RDC no gusaba ko ikibazo cya FDLR gikemurwa, ariko aho kumvwa rugakomeza gushyirwaho igitutu n'ibihano.

Yagize ati: "Aya makimbirane ari mu Burasirazuba bwa Congo ntabwo yatangijwe n'u Rwanda, kandi nta ruhare rwagize mu kuyatangiza. Ariko hari abashaka kubigoreka, ibintu byose bikitirirwa u Rwanda, rugahora rushinjwa ko ari rwo rwabiteye."

Yasobanuye ko u Rwanda rwitabiriye ibiganiro byinshi byabereye ahantu hatandukanye birimo i Nairobi, Doha, Dar es Salaam na Washington, ariko ikibazo cy'ingenzi cyakomeje kwirengagizwa.

Yagize ati: "Ubwo twari i Nairobi mu nama y'Abakuru b'ibihugu, ubwo aya makimbirane yatangiraga. Nabonye umwanya wo kubaza Perezida wa Congo muri iyo nama, nti: ni gute iki kibazo cyahindutse icy'u Rwanda, kubera iki? Ashaka kwirengagiza ndamubwira mubaza nti: ariko uzi ko ibi birimo kuba ari bito kurusha ibimaze gukorwa na FDLR, kuko bafashe uduce icyenda aho bishyuza imisoro."

Perezida Kagame yavuze ko Perezida Félix Tshisekedi yumvise ibyo yamubwiraga ariko akomeza kubyirengagiza, ndetse ko u Rwanda rwamusabye gufatanya kurandura FDLR ariko na byo akabyanga. Yavuze ko ikibazo cya FDLR kigomba gukemurwa n'abagifite mu nshingano, yaba ubuyobozi bwa RDC cyangwa Umuryango w'Abibumbye ufite ingabo zibarirwa mu bihumbi muri icyo gihugu.

Yagize ati: "Uko byagenda kose, iki kibazo kigomba gukemurwa cyangwa mukagikemura mwebwe Abanye-Congo, cyangwa Umuryango w'Abibumbye ufite ingabo ibihumbi muri icyo gihugu ukagikemura. Mugomba guhagarika FDLR kutugabaho ibitero no kwinjira mu gihugu cyacu. Niba mutabikora, tuzacyikemurira ubwacu."

Yakomeje avuga ko mu biganiro byakurikiyeho hari abakomeje gusaba u Rwanda gukuraho ingamba z'ubwirinzi rwashyizeho. Yagize ati: "Hari n'abavuga bati: 'u Rwanda rugomba gukuraho ingamba zarwo zo kwirwanaho.' Ibyo nzabigarukaho nyuma. Banavuga ko ingabo z'u Rwanda zigomba kuva ku butaka bwa Congo. Twe turavuga tuti: 'Yego.'"

Yakomeje ati: "Hari benshi muri abo bavuga ibyo, ariko mu by'ukuri icyo baba bashaka kuvuga ni uko na M23 yagombye gusubizwa mu Rwanda. Icyo ni cyo baba bahishe inyuma y'ayo magambo. Ni nk'aho baba batekereza ko u Rwanda rugomba kwakira M23 hano."

Perezida Kagame yavuze ko yakomeje gusobanurira abo baganiraga na bo ko amateka y'uko abaturage bamwe babaye Abanye-Congo cyangwa ibibazo byaturutse ku gihe cy'ubukoloni bitagomba kubazwa u Rwanda, kuko icyo gihe we ubwe yari ataravuka kandi n'u Rwanda rutagize uruhare muri ayo mateka.

Yongeyeho ko ibiganiro by'i Washington byarangiye u Rwanda n'Ingabo zarwo (RDF) bifatiwe ibihano, nyamara rutarigeze ruhabwa umwanya uhagije wo gusobanura uko rubona ikibazo.

Yavuze ko mbere yo kujya i Washington ku wa 4 Ukuboza gusinya amasezerano, u Rwanda rwari rumaze amezi abiri rutanze amakuru arambuye agaragaza ibyashoboraga kubera mu Mujyi wa Uvira muri RDC, bitewe n'uko ingabo z'u Burundi n'iza RDC zari ziri kwimura ibirindiro n'ibyo zateganyaga gukora.

Perezida Kagame yavuze ko ayo makuru yari yanditse kandi azwi n'abayahawe, ku buryo adashobora guhakanywa. Yongeyeho ko nyuma y'aho M23 yafashe Uvira bamwe bahise babigereka ku Rwanda, bavuga ko rwari rusuzuguye Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Donald Trump, ndetse rwigomeka ku buyobozi bwa Washington.

# Ubushomeri mu Rwanda bwagumye kuri 13,4% muri Gicurasi 2026



**Ubushomeri bwagumye kuri 13,4% nk'uko byari bimeze muri Gicurasi 2025**

**SHEMA Ivan**

***Ubushakashatsi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, NISR, bwagaragaje ko ubushomeri mu Rwanda bwageze kuri 13,4% muri Gicurasi 2026, igipimo kimwe n'icyo mu kwezi nk'uku kwa 2025, bisobanuye ko umuntu umwe muri barindwi bafite imyaka yo gukora yari umushomeri. Ni amakuru akubiye muri raporo NISR yashyize hanze ku wa Gatanu tariki 17 Nyakanga 2026, ku bushakashatsi mu bijyanye n'umurimo mu Rwanda.***

Ubushakashatsi bwa NISR, bugaragaza ko abari ku isoko ry'umurimo mu Rwanda bafite kuva ku myaka 16 barenga miliyoni 8,7; abafite akazi muri bo bakaba miliyoni 4,7 naho abagera ku bihumbi 729 ari abashomeri, mu gihe abandi miliyoni 3,3 bari hanze y'isoko ry'umurimo.

Imibare igaragaza ko abari ku isoko ry'umurimo mu Rwanda bari 5 434 933 bangana na 62,1% by'Abanyarwanda bose, kikaba cyaragumye hafi ku rwego rumwe ugereranyije no muri Gicurasi 2025, aho cyari 62.2%.

Ibipimo bigaragaza ko abagore bari ku isoko ry'umurimo muri rusange ari bake ugereranyije n'abagabo, icyuho hagati y'abagabo n'abagore kikabarirwa kuri 15.2%. Umubare munini w'abafite akazi ni abafite imyaka 31 gusubiza hejuru kuko bangana na 56,9% by'abari muri iki cyiciro cy'imyaka, mu gihe abari hagati y'imyaka 16 na 30 bafite akazi bo ari 49,6%.

Iyi raporo igaragaza ko kugera muri Gicurasi 2026, abagera kuri 53,8% by'abaturarwanda bose bari bafite akazi. Ni umubare utarahindutse ugereranyije n'abari bagafite mu gihe nk'icyo mu 2025.

Icyuho mu bijyanye no kubona akazi hagati y'abagabo n'abagore cyagumye kuri 3,9%, ugereranyije n'igihe nk'icyo mu 2025.

Mu bantu bafite akazi, igice kinini gikora mu rwego rwa serivisi bagera kuri 44,7%, hakurikiraho ubuhinzi buha akazi 39,1% mu gihe abakora mu nganda ari 16,2%.

Kuva mu 2024 kugeza muri Kamena 2026 handitswe imishinga y'ishoramari ry'abikorera rifite agaciro kagera kuri miliyari hafi 8z'amadolari ya Amerika. Biteganyijwe ko iri shoramari rizahanga imirimo igera ku bihumbi 118. Mu 2025 mu Rwanda hahanzwe imirimo irenga ibihumbi 240 idashamikiye ku buhinzi.

# Ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda bwinjije asaga tiliyari 2,7 Frw

**NYIRANEZA Judith**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare (NISR) kigaragaza ko mu gihembwe cya mbere cya 2026, u Rwanda rwacuruje miliyoni 1 892,91 z'amadolari ya Amerika (2 765 541 510 000 Frw), mu rwego rw'ubucuruzi mpuzamahanga, bingana n'igabanyuka rya 5,1% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2025 ndetse n'igabanyuka rya 11,6% ugereranyije n'igihembwe cya 4 cya 2025.***

Mu bihembwe bya mbere, ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda mu madolari ya Amerika mu 2023 bwari miliyoni 1 995,26; mu 2024 bwari kuri miliyoni 2 015,30 naho mu 2025 zari miliyoni 1 995,26 mu gihe mu gihembwe cya mbere cya 2026 hacurujwe miliyoni 1 892.91.

**Ibyoherezwa mu mahanga**

Imibare yatangajwe na NSIR igaragaza ko mu gihembwe cya mbere cya 2026, ibicuruzwa byoherejwe mu mahanga byari bifite agaciro ka miliyoni 366,85 z'amadolari y'Amerika (14 943 785 Frw), bingana na 19.3% by'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda. Agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga kagabanyutseho 23,7% ugereranyije n'agaciro k'ibyoherejwe mu mahanga mu gihembwe cya mbere cya 2025; ndetse kagabanyukaho 2,3% ugereranyije n'igihembwe cya kane cya 2025.

Agaciro k'ibyoherejwe mu mahanga mu gihembwe cya mbere mu mwaka 2023 kari miliyoni 402,14 z'amadolari ya Amerka; mu 2024 yabaye miliyoni 431,61; mu 2025 ibyoherejwe byinjije miliyoni 480, 82 naho mu 2026 byari bifite agaciro ka miliyoni 366,85 z'amadolari ya Amerika.

Mu gihembwe cya mbere cya 2026, 67,28% by'agaciro k'ibicuruzwa byose u Rwanda rwohereje mu mahanga byagiye mu bihugu bitanu ari byo u Bushinwa, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, Leta zunze Ubumwe z'Abarabu, Leta Zunze ubumwe z'Amerika n'u Buhinde.

Ibitumizwa mu mahangaMu gihembwe cya mbere cya 2026, agaciro k'ibitumizwa mu mahanga kari miliyoni 1 332,21 z'amadolari ya Amerika bingana na 70.38% by'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda. Agaciro k'ibitumizwa mu mahanga kagabanyutseho 3,4% ugereranyije n'agaciro k'ibyatumijwe mu mahanga mu gihembwe cya mbere cya 2025; ndetse na 13,6% ugereranyije n'igihembwe cya kane cya 2025.



**Ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga haba harimo ikawa, icyayi, imboga, imbuto n'ibindi**

Mu gihembwe cya mbere cya 2026, 60.6% by'agaciro k'ibicuruzwa byose u Rwanda rwatumije mu mahanga byavuye mu bihugu bitanu ari byo u Buhinde, Tanzaniya, Kenya na Uganda.

# Perezida Kagame yakebuye urubyiruko rukoresha ibiyobyabwenge 'Tubitezeho gukiza u Rwanda rw'ejo'



**Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yibukije urubyiruko ko rukwiriye kwirinda ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima**

MICOMYIZA BARINDA Fidele

*Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakebuye urubyiruko ko rukwiriye kwirinda ibiyobyabwenge n'ibindi byose byangiza ubuzima bwabo kuko ari bo bitezweho kuzakiza u Rwanda rw'ejo hazaza kandi ko ibyo bazabigeraho mu gihe ari bazima.*

Ibi ni bimwe mu byo yagarutseho mu butumwa yatanze ku wa Gatanu tariki ya 17 Nyakanga 2026, mu nama ya Biro Politiki y'Umuryango RPF - Inkotanyi yabereye ku cyicaro gikuru giherereye i Rusororo mu Karere ka Gasabo.

Muri ubu butumwa yagize ati: "Ibiyobyabwenge ndabishyira hamwe byose, inzoga, n'ibindi bikomeye ntiriwe mvuga muzi ariko reka mbivuge, mwe ntimujya mubivuga aho bibera ishyano bijya muri benshi ariko ntawubivuga, ikiyobyabwenge cy'inzoga, hari n'ikindi kijya mu mutwe gusa, nk'itabi, njya numva amakuru ko bibarimo atari bike."

Yakomeje ati: "Ni ibintu byamamaye bamwe mwabyigiye hano abandi babivanye hanze, bigendera hasi ntibijya biboneka, ariko uko wabihisha kose, abo birimo hazagira uko bigaragara byanze bikunze, ariko uko bigaragara kwa mbere ni mwe byangiza, byangiza uwo birimo mbere na mbere ariko bikangiza n'abaturage."

Yavuze ko byoroshye kubitsinda ati: "Kubitsinda kwa mbere ni ukutabigira imvugo, ni ukutabigira ibiganiro, ni ukutabigira ibintu by'igitangaza abantu bakwiriye kuba bakora, ariko n'impamvu bidakwiriye kwemerwa ni uko nubikoresha arabihisha, ubundi ukoresha ibyo uhisha kubera iki, ni uko ubizi ko ari bibi. Ndababwiye, icyo nakora ni ukubabwira kandi nzakomeza kubibibutsa ubwo namwe muzageraho mwibwire."

Yakomeje agira ati: "Urubyiruko tubatezeho ko ari mwe mwakiza u Rwanda rw'ejo uko tugenda dusimburana, keretse niba uwo muhamagaro mutawushaka[....], urahari, ugomba gushyiramo imbaraga zo kuba muzima, atari ku bwawe gusa ariko no ku bandi, kuba uri muzima bikagira ingaruka no ku bandi, icyo tubatezeho mwebwe urubyiruko bishya u Rwanda rwifuza, mujya mwumva ibintu bavuga byo guhanga udushya, iyo birimo abantu bameze neza, bafite ubuzima bwiza, bafite ubumenyi bigera kure, birafasha, byubaka abantu byubaka Igihugu, kandi u Rwanda ni byo twifuza."

Yasabye kandi urubyiruko kugira ishyaka ryo kugira ikintu cyawe, Igihugu cyawe, aho ukomoka, kuko igihugu kigira icyo kiguha, ko nawe ugomba kugira icyo ugiha.

Ubushakashatsi bushya ku mibereho n'Ubuzima mu Rwanda (DHS 2025), bwashyizwe ahagaragara n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR), bugaragaza ko kunywa inzoga bikomeje kwiyongera mu gihugu. Bwerekana ko 50% by'abagabo bafite hagati y'imyaka 15 na 49, bangana n'umugabo umwe muri babiri, banywa inzoga, mu gihe 20% by'abagore, bangana n'umugore umwe muri batanu, na bo bavuga ko banywa inzoga.

# U Rwanda mu bihugu bya mbere by'Afurika biha icyizere abashoramari



**U Rwanda ruri mu bihugu bya mbere bikorera mu mucyo**

NTAWITONDA Jean Claude

*U Rwanda rwaje mu bihugu bya mbere bya Afurika bifite amanota ari hejuru mu gukorera mu mucyo no kugaragaza amakuru ya nyayo mu birebana n'imyenda rufite, ndetse n'uburyo rwubaka imikoranire iboneye n'abashoramari.*

Ayo manota 43.4 kuri 50 rwanganyije na Afurika y'Epfo, akaba ari na yo ari hejuru kurusha ayandi ku mugabane wa Afurika, yatangajwe n'Ikigo Mpuzamahanga kigenzura urwego rw'Imari (IIF) muri raporo y'umwaka wa 2026.

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) yatangaje ko ari bwo bwa mbere u Rwanda rugaragaye muri iyi raporo ndetse IIF ikaba ishimangira ko ruri mu bihugu by'intangarugero mu gukoresha neza inguzanyo no gutsura umubano urambye n'abashoramari.

Iyi raporo yereka abashoramari mpuzamahanga ko u Rwanda rutanga amakuru y'imari ndetse n'uko ruhagaze mu birebana n'imyenda rufitiye amahanga mu mucyo no mu cyizere, akaba ari mahirwe akomeye ku gihugu, mu gihe ibigo by'ishoramari biba bikeneye kwerekeza aho bibona umutekano w'amafaranga yabyo.

Kuba ari inshuro ya mbere u Rwanda rubonetse muri iyi raporo kuva yatangira mu mwaka wa 2005, ni intambwe ikomeye ishimwa n'impuguke mu by'ubukungu nka kimwe mu biugu bine bishya byongerewe. Uyu mwaka raporo yagenzuye amasoko y'ibihugu 57, IIF ikaba yagaragaje u Rwanda nk'igihugu cyagaragaje umwihariko mu gihe kitari gisanzwe no mu bigenzurwa.

Ikigo IIF gifite icyicaro i Washington D.C., mu bushakashatsi bwacyo bwerekana umucyo mu mikoreshereze y'inguzanyo, kikerekana amasoko abashoramari baba biteguye gutanga amafaranga yabo ku nyungu iri hasi cyane, aho isoko ry'imari rigerwaho byoroshye ndetse n'amasoko yubatswemo ubudahangarwa.

Iyi raporo kandi ihuza isano iri hagati y'umubano n'abashoramari ndetse n'isura nziza mu kwishyura neza inguzanyo uko imyaka igenda ishira indi igataha.

Gahunda y'u Rwanda yo gutsura umubano w'abashoramari yatangijwe mu mwaka wa 2025, ikaba ikorera muri MINECOFIN nka gahunda ya Leta igamije kongera umucyo mu mikoreshereze y'inguzanyo no kugaragaza imikoranire n'ibigo mpuzamahanga, ibitanga inyandiko mpeshamwenda ndetse n'abashoramari mpuzamahanga.

Ku rundi ruhande, u Rwanda ruri mu bihugu bya Afurika bifite ubukungu bwihuta aho mu mezi atandatu ya mbere bwazamutse ku kigero cya 10%, aho umwaka wose wa 2025 wose bwazamutse ku kigero cya 9,4% . Ibyo na byo bituma u Rwanda rugirirwa icyizere gikomeye n'abashoramari n'ibigo mpuzamahanga kubera ubukungu bwihuta.

Iki cyizere amahanga agirira u Rwanda kigaragarira mu nkunga n'inguzanyo z'igihe kirekire ziri ku nyungu iri hasi cyane, zirimo miliyoni 250 z'amadolari ya Amerika yatanzwe n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF).

# Dr Eugène Rwamucyo yakatiwe imyaka 27: Ubutabera bwongeye guha icyubahiro abazize Jenoside

**IMVAHO NSHYA**

***Tariki ya 17 Nyakanga 2026 yabaye umunsi w'amateka mu rugendo rwo guca umuco wo kudahana mu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, bahereye cyane cyane ku mugabane w'i Burayi. Kuri uwo munsi, Urukiko rwa Rubanda rwa Paris rwahamije ko Dr. Eugène Rwamucyo ahamwa n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rumukatira imyaka 27 y'igifungo.***

Uyu mwanzuro wabaye iherezo ry'urugendo rurerure rw'ubutabera ku barokotse n'imiryango y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ikirego cya mbere gishinja Dr. Rwamucyo cyatanzwe na CPCR, (Collectif des Parties Civiles pour le Rwanda), Ihuriro ry'imiryango ikurikirana abagize uruhare muri Jenoside bihishe ubutabera, tariki ya 23 Mata 2007, mu gihe Urukiko Gacaca rw'i Butare rwamukatiye burundu mu 2009.

Dr. Rwamucyo bwa mbere yakatiwe igifungo cy'imyaka 27 tariki ya 30 Ukwakira 2024 ajuririra icyemezo cy'urukiko. Urukiko rw'ubujurire rwagumishijeho icyo gihano nubwo ubushinjacyaha bwari bwamusabiye imyaka 30. Mu bujurire, Dr Rwamucyo yahamwe n'ibyaha bitatu; gucura umugambi wo gukora Jenoside, ubufatanyacyaha muri Jenoside ndetse n'ubufatanyacyaha mu byaha byibasiye inyokomuntu.

Yiregura, Dr Rwamucyo yahakanaga ko nta Batutsi bishwe muri Centre Universitaire de Santé Publique (CUSP) yari ayoboye mu gihe cya Jenoside cyangwa muri Centre Hospitalier Universitaire de Butare (CHUB), kandi inkiko Gacaca zaramuhamije uruhare mu iyicwa rya Cécile Nyirasikubwabo, wakoreraga CUSP, afatanyije na Félicité Musanganire, na we wari umukozi wa CUSP. Abandi bakozi ba CUSP bishwe ni Gasana Callixte na Césarie Mukamusoni.

Ibi Dr Rwamucyo yakomeje kubihakana no mu rukiko, kandi Inkiko Gacaca zarasanze yaratanze amabwiriza yo gushyingura imibiri y'abishwe kugira ngo hahishwe ibimenyetso bya Jenoside yakorerwaga Abatutsi icyo gihe.

Dr Rwamucyo yavugaga ko nta muganga cyangwa undi mukozi wo kwa muganga wagize uruhare muri Jenoside i Butare. Nyamara inkiko Gacaca z'i Butare zahamije ibyaha bya Jenoside abaganga 29 n'abaforomo 31 bakoraga muri CHUB, CUSP, LABOPHAR, CARAES na Kabutare.

Muri abo harimo; Dr. Jotham Nshimyumukiza wahoze ayobora CHUB, yahamijwe kwica Karekezi Jean Claude n'abandi Batutsi, Dr. Pascal Habarugira wakatiwe imyaka 19, Dr. Berthe Nyiraruhango, Dr. Aloys Nyagasaza na Dr Emmanuel Twagirayezu, wahamijwe gutanga abarwayi b'Abatutsi ngo bicwe n'Interahamwe n'abasirikare ba ESO.

Hari kandi n'abaforomokazi n'abandi bakozi ba CUSP bakatiwe Jenoside, harimo Uwimana Thérèse, Musabyemariya Marceline, Mukamurangwa Marie Rose, Nyiramisago Thérèse, Kantengwa Annonciata na Mukamuzima Philomène.

Mu buhamya bwe, Dr. Rony Zachariah, wakoreraga Médecins Sans Frontières muri CHUB mu gihe cya Jenoside, yabwiye urukiko ko hagati y'abantu 150 na 200, bari abakozi n'abarwayi b'Abatutsi, bakuwe muri CHUB bakicwa n'Interahamwe na bamwe mu bakozi bagenzi babo ndetse n'abasirikare bo muri ESO.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubuyobozi bwa CHUB bwakoze urutonde rw'abakozi n'abarwayi b'Abatutsi bishwe, rusangamo amazina 82, akaba akunze kwibukwa buri mwaka mu gihe cyo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Icyemezo cy'Urukiko rwa Rubanda rwa Paris cyo guhamya Dr Eugène Rwamucyo ibyaha bya Jenoside, ubufatanyacyaha muri Jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, ni indi ntambwe ikomeye mu rugamba mpuzamahanga rwo guhana abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Uru rubanza rwashimangiye ko n'iyo imyaka yaba ishize, ibyaha bya Jenoside bitibagirana kandi ababikoze bakomeza gukurikiranwa aho bari hose.

Nanone ubuhamya bwatanzwe n'abarokotse, abari abakozi ba CHUB n'ibyemezo byafashwe n'inkiko Gacaca byafashije gusubiza ku murongo ukuri ku bwicanyi bwakorewe Abatutsi mu mavuriro ya Butare, bunaha icyubahiro inzirakarengane zahiciwe. Icyemezo cya Paris ni ubutumwa bukomeye ko ubutabera bukomeza kuba inkingi yo kurwanya umuco wo kudahana no kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




Dr. Eugene Rwamucyo

# Abanyeshuri 258 255 bo mu yisumbuye bazasoza ibizamini bya Leta ku ya 24 Nyakanga



Abiga mu mashuri yisumbuye bari mu bizamini bya Leta bizasoza ku ya 24 Nyakanga 2026

IMVAHO NSHYA

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), cyatangaje ko abanyeshuri 258 255 ari bo bateganyijwe gukora ibizamini bisoza icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye n'icya kabiri guhera ku wa 15 Nyakanga bakazabisoza ku ya 24 Nyakanga 2026.***

Mu cyiciro rusange, abanyeshuri 149 533, barimo abakobwa 85 587 n'abahungu 63 946 biga mu mashuri ya Leta n'ayigenga ni bo barimo gukora ibizamini.

Mu cyiciro cya kabiri, ibi bizamini birakorwa n'abanyeshuri 108 722 barimo abakobwa 59 845 n'abahungu 48 877 mu gihe abafite ubumuga bakora ibizamini bangana na 879 barimo abahungu 470 n'abakobwa 409.

Ni nyuma yuko ku ya 7- 9 Nyakanga 2026, mu mashuri abanza, abakandida 277 452, barimo abahungu 123 101 n'abakobwa 154 351, bakoze ibizamini bisoza amashuri abanza, bakoreye mu bigo by'ibizamini 1 182. Muri abo harimo abakandida 928 bafite ibibazo byihariye (Special Educational Needs - SEN), barimo abahungu 376 n'abakobwa 552.

Ibizamini by'amashuri abanza kandi byabanjirijwe n'ibizamini ngiro bya Leta bya 2025/2026 ku ya 3 – 22 Kamena 2026,

Muri ibyo bizamini hari hateganyijwe kwitabira abakandida 74 085, harimo abakandida bigenga 3 581. Abo bakandida bakoreye ibizamini mu bigo 854 byateganyijwe hirya no hino mu gihugu.

Ibizamini Ngiro bya Leta bikorwa n'abanyeshuri bo mu Mashuri y'Imyuga, Tekiniki n'Ubumenyingiro (TSS), Amashuri Nderabarezi (TTC), amashuri y'Ubuganga (ANP), amashuri y'Ibaruramari (ACC), n'abanyeshuri bo mu mashami ya Siyansi mu Burezi Rusange binyuze muri gahunda ya Project-Based Assessment (PBA).

Ibi bizamini bifasha mu gupima ubushobozi bw'abanyeshuri bwo gushyira mu bikorwa ibyo bize, hagamijwe kubategura neza ku isoko ry'umurimo no gukomeza guteza imbere uburezi bushingiye ku bumenyi ngiro n'ubushobozi bukenewe mu iterambere ry'Igihugu.

# RDC yongeye kwiyemeza guhangana na FDLR

NTAWITONDA Jean Claude

***Nyuma y'amezi umunani u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bisinyanye amasezerano y'amahoro ya Washington, ku wa Kane tariki ya 16 Nyakanga 2026 ibihugu byombi byongeye kwiyemeza gushyira mu bikorwa ibikubiye muri ayo masezerano yashyizweho umukono ku wa 4 Ukuboza 2025.***

Mu biganiro byabaye ku nshuro ya gatanu bihuza impande zombi byahereye ku wa gatatu tariki ya 15 Nyakanga i Geneve mu Busuwisi, intumwa za Guverinoma ya RDC ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi, iterabwoba no guhungabanya ituze ry'abaturage.

Iyi nama yitabiriwe n'abahuza barimo intumwa za Qatar ikurikirana ibiganiro hagati ya RDC n'Ihuriro AFC/M23, Leta Zunze Ubumwe za Amerika ziharanira kuzahura umubano w'u Rwanda na RDC ndetse na Togo nk'umuhuza uhagarariye Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU).

Abagize itsinda rihuriweho mu gukora ibishoboka byose ngo amahoro aganze mu Karere k'Ibiyaga Bigari, impande zose zitabiriye zasuzumye imiterere y'ikibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC ndetse bungurana ibitekerezo mu mu mitwe yitwaje intwaro no kubasubiza mu buzima busanzwe.

Byatanze amahirwe yo kungurana ibitekerezo ku buryo umusanzu wa MOUSCO ufasha mu kugera ku ntego z'amasezerano ya Washington binyuze mu gufasha abarwanyi ba FDLR gushyira intwaro hasi no gutahuka, ndetse hanagaragazwa intambwe zikurikiraho mu guhuza ibikorwa byo kugera ku ntego zikwiriye.

RDC n'u Rwanda byiyemeje gukomeza guhererekanya amakuru mu buryo buhoraho hagamijwe kurushaho gushyira imbere kugendera ku kuri kw'ibibera mu Burasirazuba bwa RDC. Ibihugu byombi byashyimye



U Rwanda na RDC bongeye kugaruka ku masezerano ya Washington

zongeye kwiyemeza kongera imbaraga zo guhashya umutwe w'Iterabwoba wa FDLR umaze imyaka isaga 30 uteza ibibazo mu Burasirazuba bw'icyo gihugu n'Akarere k'ibiyaga Bigari muri rusange.

Guverinoma y'u Rwanda na yo yongeye guhamya ko yiteguye gukuraho ingamba z'ubwirinzi mu gihe uwo mutwe w'iterabwoba wa FDLR uzaba utagiteje impungenge z'umutekano zishingiye kurushaho kumva imiterere y'ibibazo bihari.

Impande bireba ziyemeje gukoresha amahirwe y'ubugenzuzi bw'ibibera ku kibuga mu rwego rwo gushimangira ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Amahoro ya Washington. Abitabiriye bahawe amakuru agezweho yakusanyijwe n'Ubutumwa bw'Amahoro bw'Umuryango w'Abibumbye muri RDC (MONUSCO) ku birebana n'urugendo rwo kwambura intwaro abari umusanzu wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Qatar, Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe na Togo bikomeje gutanga binyuze mu biganiro by'amahoro.

Amasezerano y'amahoro ya Washington atanga amahirwe akomeye yo kugarura amahoro n'iterambere rirambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari, ari na yo mpamvu impande bireba zose ziyemeje gushyiramo imbaraga kugira ngo aya masezerano ashyirwe mu bikorwa byuzuye.

# Harashakwa tekinoloji imenyesha aho amazi yaba arimo kumeneka

NYIRANEZA JUDITH

***Mu gihe cy'Impeshyi amazi akunze kuba amake bigatuma habaho kuyasaranganya, hakaba n'igihe hari amatiyo atoboka, amazi akameneka, ariko Guverinoma yahagurukiye icyo kibazo ku buryo hari gushakwa tekinoloji yakwerekana aho ameneka bitabaye ngombwa guhamagara Ikigo gishinwe amazi, isuku n'isukura.***



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje imishinga ihari igamije gukemura ikibazo cy'ibura ry'amazi

Abatuye mu bice bitandukanye bagaragaza ko koko hari abamara igihe nta mazi bafite, ahandi amatiyo agatoboka, ariko ko hari ingamba bumvise zigenda zishyirwaho mu gukemura icyo kibazo.

Mukashema Magnifique utuye mu Murenge wa Nyakabanda mu Mujyi wa Kigali avuga ko hari igihe bamara icyumweru nta mazi bafite cyane cyane mu gihe cy'izuba.



Hari gahunda ihamye yo kugabanya amazi ameneka

Yagize ati: "Ubu mu gihe cy'izuba, amazi aba make, tukaba twamara icyumweru nta n'igitonyanga. No ku masoko asanzwe uba ubona amazi aza ari make, gusa iyo dukurikiye amakuru kuri radiyo twumva ko hari ibikorwa Leta irimo gukora mu gusana no kongera imiyoboro y'amazi, kubaka ibigega byajya biyabika, gufata ay'imvura akabikwa mu bigega mu ngo, bizagabanya ikibazo cy'ibura ry'amazi."

Kabera ucururiza mu mujyi wa Kayonza we ku kibazo cy'amazi yavuze ko hari igihe abura kandi hakaba n'ajya agaragara ameneka, amatiyo yatobotse, gusa ko bihutira kubimenyesha WASAC.

Yagize ati: "Ikibazo cy'amazi mu mpeshyi gikunze kugaragara, hakabaho gusaranganya kimwe n'amatiyo amwe n'amwe ajya apfumuka amazi akameneka nubwo bidakunze kuba kenshi, gusa bisaba guhamagara WASAC."

Ku bijyanye n'amazi ameneka Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin, yavuze ko harimo kwigwa uburyo (tekinoloji) yajya ihita igaragaza aho yaba amenaka, ubutabazi bugakorwa vuba na bwangu.

Yagize ati: "Turimo kuganira na kampani y'Abayapani isanzwe ikorera hano mu gihugu yatweretse ko kugabanya amazi ameneka bishoboka cyane, ubu turi mu biganiro ku buryo twanayegurira n'ibice binini by'amazi yo mu Mujyi ngo idufashe, amasezerano twarayasinye, ni yo mpamvu turimo kuvuga ko mu 2029 intego tuzaba twayigezeho, ni ikintu kiduhangayikishije ntabwo byasobanuka ukuntu tubura amazi twarangiza tukavuga ngo hafi 35 % yayo dufite make ngo nayo arameneka, ntagere ku baturage. Turimo kubikoraho."

Dr Nsengiyumva yagaragaje ko ikibazo cy'ibura ry'amazi kiri mu bihangayikishije ariko ko hari imishinga igamije kugikemura.

Yagize ati: 'Ni ikibazo kiduhangayikishije nka Guverinoma, ntabwo ari byiza kubona abantu batonze umurongo bategereje amazi n'amajerekani, bamaze kabiri amazi ataza, ntabwo bidushimisha. Ni cyo gituma hari imishinga turimo kushyiramo imbaraga ngo amazi aboneke vuba."

Yagarutse ku birimo gukorwa harimo kongera ibikorwa remezo no gukangurira Abanyarwanda gukoresha neza amazi ahari.

Ati: "Guverinoma irimo gushyira mu bikorwa imishinga izatuma ingano y'amazi atunganywa yiyongera ikava kuri metero kibe zisaga 367 000 ku munsi muri uyu mwaka, ikagera kuri metero kibe zisaga 688 000 ku munsi mu 2029."

Muri iyo mishinga harimo kwagura no gusana ibikorwa remezo n'imiyoboro y'amazi, hagamijwe kugabanya amazi ameneka ataragera ku baturage akava ku kigero cya 35% akagera ku kigero cya 25% mu mwaka wa 2029.

Intego ni uko muri 2050 iki gipimo cy'ayameneka yagera ku kigero cya 5%.

Hari umushinga wo kwagura ubushobozi bw'uruganda rwa Nzove III, bukava kuri metero kibe 40.000 ku munsi bukagera kuri metero kibe 65 000 ku munsi muri Nzeri 2026.

Harimo gutegurwa umushinga wo kubaka uruganda rwa Nzove IV, ruzajya rutunganya amazi y'inyongera agera kuri metero kibe 150 000 ku munsi. Biteganyijwe ko uyu mushinga uzaba warangiye mu gihe cy'imyaka itatu ni ukuvuga mu Ukuboza 2029.

# Kayonza: Umugore uhinga ubwatsi yiyubakiye inzu ya miliyoni 40 Frw


Murekatete avuga imyato ubuhinzi bw'ubwatsi bwamufashije kwikura mu bukene ashingiye ku nka yahawe muri Girinka

HITIMANA Servand

***Murekatete Jacqueline utuye mu Murenge wa Gahini, Akarere ka Kayonza, avuga imyato ubuhinzi bw'ubwatsi amaze imyaka itatu akora ubu akaba amaze kwiyubakira inzu ya miliyoni 40 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Uyu mubyeyi avuga ko amakuru ajyanye n'ubuhinzi bw'ubwatsi yayamenye mu mwaka wa 2018, aho abakozi b'Umushinga wo guteza Imbere Umukamo (RDDP) wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) bamusanze iwe ari kwita ku nka yari yarahawe muri gahunda ya Girinka.

Agira ati: "Mbere nari mu bukene bukomeye ariko aho mperewe inka ya Girinka nayitayeho ndetse irororoka ari na ho abakozi ba RDDP baje bashaka abantu bajyanwa kwiga guhinga ubwatsi barebye uko nita ku nka zanjye bampa amahirwe ko najya kongera ubumenyi. Nyuma yo kwiga naje mfite ingamba zo gushyira mu bikorwa ibyo nigishijwe maze mpera ku butaka nari mfite mpinga ubwatsi. Naragirishije mbona amafaranga bimfasha kwagura no kubikora neza."

Murekatete uvuga ko yatangiriye ku butaka buto yari afite, aho yahinze ubwatsi bwongera umukamo mu nka bituma aborozi bamuyoboka ndetse abonako isoko rimubanye rirnini bituma agura ubundi butaka. Ati: "Nahinze ubwatsi bukungahaye ku ntungamubiri mu matungo burimo kororisi dayana (umukenke) n'urubingo rwa Kakamega. Ibi mbyongeraho uburyo bwo kubuhunika ku buryo ababutwara bugenda bwumishijwe bahita babugaburira inka. Kuko ubuhinzi bw'ubwatsi bwanyunguye, nahise ngura ubutaka hegitari eshatu ndetse Leta inantiza izindi eshatu nongeraho na ya hegitari nari mfite mbere ku buryo ubu nkorera kuri hegitari zirindwi."

Akomeza avuga ko buhinzi bw'ubwatsi avuga ko ubu buhinzi bumuha amafaranga kuko umutwaro umwe awugurisha nibura 3 000 by'amafaranga y'u Rwanda, ikindi kandi akanatanga imbuto y'ubwatsi ku babushaka aho ikilo kimwe cy'umurama kigura nibura amafaranga y'u Rwanda 12 000. Yakomeje agira ati: "Ni ubuhinzi butanga amafaranga ku buryo kuri sezo (amezi 6) nshobora kubona miliyoni 7 z'amafaranga y'u Rwanda."

Guhinga ubwatsi byunganiye n'ubworozi bwe

Murekatete avuga ko nubwo yatangiye ubu buhinzi bamuca intege, kuri ubu ashima ko byamwihutishirije iterambere ubu akaba atereye imbere aho yigeze gukenera.


Inzu Murekatete yiyubakiye abikesha ubuhinzi bw'ubwatsi

Ati: "Njya kwiga guhinga ubwatsi hari abanshiye intege ndetse n'umugabo wanjye ntiyabyumvaga neza. Nk'uko nabivuze mu nkuru zanjye za mbere, aha ntuye nahabaye ndi umukene umeze nabi ku buryo naje kuzahuka nyuma yo guhabwa Inka ya Girinka. Aho ntangiriye ubu buhinzi rero byabaye akarusho ku buryo muri iyi myaka itatu ubu maze kubakamo inzu ya miliyoni 40 Frw. Ni ishimwe kuri njye kuba aho nakeneye ndi kuhaterera imibere."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, Hategekimana Fred ashima abaturage bumva vuba bakemera kwakira impinduka zigamije kubateza imbere.

Agira ati: "Ni iby'agaciro kugira umuturage nk'uyu worohereza ubuyobozi mu kwifasha. Yemeye kwigishwa ndetse agira ishyaka ryo gushyira mu bikorwa ibyo yize. Ni inyungu kuri we ariko ni n'inyungu ku iterambere ry'ubworozi mu rusange n'iterambere ry'Akarere. Ni umuturage abandi bari kwigiraho aho bizafasha ku kuzamura umukamo. Turamushimira tunashishikariza n'abandi kumwigiraho. Murekatete ni urugero rw'uko bishoboka kuva ku ntambwe imwe ukagera ku yindi."

Avuga ko mu gihe buri wese yakwita ku byo akora akabikora neza byafasha mu kwiteza imbere kw'abaturage bikanateza imbere Igihugu muri rusange. Imibare itangwa n'umuryango Heifer International Rwanda uzobereye mu bikorwa by'ubworozi Rwanda, igaragaza ko ku rwego rw'Igihugu abitabira guhinga ubwatsi bakiri bake aho igaragaza ko aborozi bahinga ubwatsi bagasagurira bagenzi babo bari ku kigero cya 15%. Ni mu gihe ubuso buhingwaho ubwatsi bukiri kuri 0,5% by'inzuri.

# Nyabihu: Jenda batewe impungenge n'amapoto ashaje ashobora kubateza impanuka

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abaturage bo mu Mudugudu wa Gitambuko, Akagari ka Kabatezi, Umurenge wa Jenda mu Karere ka Nyabihu, bavuga ko babangamiwe n'amapoto y'amashanyarazi ashaje amaze imyaka isaga 30, bakaba bafite impungenge ko ashobora kubagwaho cyangwa agateza impanuka zikomeye.***

Ni ikibazo bavuga ko kimaze igihe, aho basaba ko aya mapoto yasimbuzwa andi mashya kugira ngo babashe kubaho batekanye, cyane cyane ko amwe muri yo yegereye inzu zabo. Mukankuranga Donatille, umwe mu baturage batuye hafi y'ayo mapoto, avuga ko ubuzima bwabo burangwa n'ubwoba buri gihe, cyane cyane mu gihe cy'imvura n'umuyaga.

Yagize ati: "Aya mapoto ashaje cyane. Duhorana ubwoba ko umunsi umwe yagwa ku nzu zacu cyangwa agatuma insinga ziturika zigateza inkongi. Iyo imvura iguye nijoro ntitubasha gusinzira neza mu mutekano kuko duhora twiteguye guhunga igihe cyose twumva aya mapoto ashobora kugwa."

Nkundabatware na we agaragaza ko ikibazo kitareba gusa inzu zabo, ahubwo gishobora no gushyira ubuzima bw'abanyura muri aka gace mu kaga. Yagize ati: "Iyo amapoto aguye, insinga zisandarira mu nzira zinyuramo abaturage n'abana bajya cyangwa bava ku ishuri. Dufite impungenge ko igihe icyo ari cyo cyose habaho impanuka. Turasaba ko aya mapoto asimbuzwa kandi insinga zikimurirwa kure y'ingo z'abaturage."

Iki kibazo kivugwa mu gihe Akarere ka Nyabihu gakomeje kwagura ibikorwa byo kugeza amashanyarazi ku baturage. Imibare iheruka y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) igaragaza ko kugeza muri Nyakanga 2025; 79,6% by'ingo zo mu Karere ka Nyabihu zari zimaze kugerwaho n'amashanyarazi, haba ay'umuyoboro mugari n'akomoka ku mirasire y'izuba.

Nubwo aka Karere gakomeje gutera imbere muri uru rwego, ubuyobozi buvuga ko hakiri ibikorwa remezo bishaje, birimo amapoto amwe n'amwe, bikeneye kuvugururwa kugira ngo abaturage barusheho kugira umutekano. Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu, Mukandayisenga Antoinette, avuga ko iki kibazo bakizi kandi ko kiri mu byashyizwe imbere mu biganiro Akarere kagirana n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG).

Yagize ati: "Ni byo koko, hari ahantu hakigaragara amapoto ashaje ashobora guteza impanuka. Twabiganiriye na REG kandi iki kibazo kirazwi. Hari umushinga ugamije gukomeza kugeza amashanyarazi ku baturage no kuvugurura ibikorwa remezo bishaje birimo n'aya mapoto. Turizera ko mu minsi iri imbere kizaba cyarakemutse ku buryo abaturage babaho batekanye."



Amapoto amaze imyaka isaga 30 abaturage bavuga ko yamaze gusaza cyane

Umuyobozi wa REG Ishami rya Nyabihu, Eng. Mutsindashyaka Martin, na we yemeza ko gahunda yo kuvugurura aya mapoto yamaze gutegurwa. Yagize ati: "Ubu hari kompanyi yitwa EPC Kalisimbi yamaze gusinya amasezerano na EDCL yo gukora imirimo yo gusana no kuvugurura ibikorwa remezo by'amashanyarazi muri Nyabihu. Icyo tugiye gukora mbere ni ugusuzuma ahantu hose hagaragara amapoto ashobora gushyira abaturage mu kaga kugira ngo habe ari ho duhera dusana no gusimbuza amapoto ashaje."

Abaturage bavuga ko iki kibazo bakigejeje ku nzego bireba bakizezwa ko bizakemuka vuba amaso akaba yaraheze mu nzira icyakora bagasaba ko ibikorwa byo gusimbuza aya mapoto byakwihutishwa kugira ngo hirindwe impanuka za hato na hato zishobora guteza igihombo cyangwa guhitana ubuzima bw'abaturage.

Basanga nubwo iterambere mu kugeza amashanyarazi ku baturage rikomeje kwiyongera muri Nyabihu, rikwiye kujyana no kuvugurura ibikorwa remezo bishaje kugira ngo umutekano w'abaturage urusheho kubungabungwa.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu, butangaza ko binyuze mu bikorwa by'umushinga EPC Nyabihu Project ingo ibihumbi 21, zizahabwa amashanyarazi, uyu mushinga ukazatwara ingengo y'imari ingana na miliyari 26 z'amafaranga y'u Rwanda.



Bigaragara ko amapoto yamaze kubora bafite impungenge ko azagwira inzu zabo.

# Byinshi ku mirima y’urumogi yatahuwe muri Pariki y’Igihugu ya Nyungwe



**Umuyobozi w’Ikigo Nyungwe Management Company, Niyigaba Protais avuga ko guhinga muri Nyungwe ari icyaha gikomeye abaturage bagomba kwirinda**

**BAHUWIYONGERA** Sylvestre

***Mu myaka itanu ishize, Pariki y’Igihugu ya Nyungwe yatahuwemo imirima y’urumogi iri ku buso butandukanye busaga hegitari 1,3 (metero kare zisaga 13 000), yagiye ihingwa n’abagizi ba nabi bahungabanya urusobe rw’ibinyabuzima bibarizwa muri iyo Pariki.***

Ubuyobozi bwa Pariki y’Igihugu ya Nyungwe buhamya ko ubuhinzi bw’urumogi buri mu bikorwa by’abaturage biyangiza, byiyongera ku gutwika, ubuhigi, ubuvumvu, kwahiramo ubwatsi bw’amatungo, gukuramo imbuto z’ibiti, gutemamo ibiti, ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe n’ibindi.

Umuyobozi w’Ikigo Gicunga Pariki (Nyungwe Management Company), Niyigaba Protais yavuze ko mu mwaka wa 2021 havumbuwe metero kare 74 zihinzego urumogi, mu 2022 hatahurwa metero kare 7 098,5, mu 2023 havumburwa metero kare 336, mu 2024 havumburwa metero kare 1 786 na ho mu 2025 havuburwa metero kare 3 892,5 zabonetse ku gice cy’Akarere ka Nyaruguru.

Niyigaba avuga ko hari urwagiye rutahurwa ari bwo rugiterwa, hakaba n’urwatahuwe rugeze igihe cyo gusarurwa, ariko ngo abaruhinga bigorana kubatahura no kubafata kuko babikora mu ibanga rikomeye ndetse bakaruhinga ahantu bizeye neza ko hadakunze kugendwa mu ishyamba ry’inzitane.

Akomeza avuga ko iyi mirima itahurwa kuko abakozi ba Pariki baba bakoze akazi kabo neza ko kugenzura, gukumira no kurwanya ibyakwangiza Pariki y’Igihugu ya Nyungwe, akongera kwibutsa ko ubuhinzi muri yo butemewe.

Ati: “Ubuhinzi bwose muri Pariki y’Igihugu ya Nyungwe ntibwemewe. Noneho iyo bubaye ubw’urumogi busanzwe butanemewe no hanze yayo, ari icyaha gisanzwe gifite amategeko agihana, biba bishyira mu kaga gakomeye ababyishoramo. Turasaba abaturage kwirinda icyakwangiza Pariki cyose kirimo n’ubwo buhinzi butemewe. Ahubwo baharanire kubyaza umusaruro ugaragara amahirwe y’iterambere abageraho bitewe n’uburyo baba bayibungabunze.”

Uzabakiriho Céléstin wo mu Murenge wa Muganza, wahoze ari rushimusi muri iyi Pariki akabivamo uyu munsi akaba ari umurinzi wayo, avuga ko gutahura imirima y’urumogi biborohera kuko biri mu byo bahoze bakora batarahinduka.

Ati: “Ubuhinzi bw’urumogi bwangiza ishyamba cyane kuko babanza gutema ibihuru n’ibyatsi biri aho bagiye kuruhinga kandi baba binjiyemo imbere cyane, utanamenya inzira banyuzemo kuko turutahura ahaba hahishe cyane ku buryo no kubona inzira ijyayo biba bigoranye. Hari igihe tubafata barusohokanye ishyamba cyangwa tukagwa kuri iyo mirima yarwo. Iyo tuyigezeho turarurandura tugatanga raporo ababishinzwe bakarwangiza.”

Me Niyitegeka Jonas, Umushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Huye ufasha iyi Pariki mu rwego rw’amategeko, avuga ko nubwo ibikorwa biyangiza bigenda bigabanyuka hakwiye kongerwa imbaraga mu gukurikirana no guhana abafatirwa mu byaha nk’ibi.

Ati: “Hari nk’igihe umugenzacyaha bamuzanira uwafashwe yahiramo ubwatsi, atemamo igiti, ahingamo cyangwa ashakamo imishingiriro y’ibishyimbo, akumva ni icyaha cyoroshye kitagatumye uwagikoze afungwa, ahubwo yakwigishwa agataha. Ni ko aba abibona ariko binakwiye kumvikana ko uyu wahiramo anashobora guhakuramo ubuki, cyangwa guhingamo n’ibyo bihingwa bibujijwe akaba yakwangiza kurushaho. Hakwiye kutabaho koroshya uwafatiwemo, agahanwa by’intangarugero byabera isomo abandi bigacika burundu.”

Mu nama yahuje ubuyobozi bwa Pariki, abahagarariye Urwego rw’Iterambere mu Rwanda (RDB) n’Akarere ka Nyaruguru mu cyumweru gishize, inzego zose zagaragaje ubushake bwo kongera imbaraga mu kubungabunga urusobe rw’ibinyabuzima bibarizwa muri Pariki y’Igihugu ya Nyungwe.

Kayitare Albert, ushinzwe igenamigambi no kubungabunga urusobe rw’ibinyabuzima mu muri RDB, agashami gashinzwe kubungabunga Pariki z’Igihugu, yavuze ko kugaragaza amakuru abantu benshi batamenya arimo n’ubwo buhinzi bw’urumogi ari ingenzi mu gukumira ibyaha n’abangiza Pariki.

Ati: “Abo bahingamo urumogi bo baba bakora ibyaha byinshi. Ubwabyo ubikoze yinjiyemo bitemewe, ahinzemo ibitemewe n’ubusanzwe bihanirwa bikomeye ari yo mpamvu baruhinga ahihishe cyane, anashobora gukora n’ibindi byose bibujijwe, nko gutwika aho agiye kuruhinga n’ibindi bibi ari yo mpamvu n’ibyo bigomba kumenyekana ko bihakorerwa bikarwanywa.”

Umuyobozi w’Akarere ka Nyaruguru Murwanashyaka Emmanuel, avuga ko ubukangurambaga bukomeje ngo abaturage bose bumve neza akamaro kanyuranye iyi pariki ibafitiye, banahereye ku nyungu babona ziyiturutsemo zirimo akazi n’ibindi bahabwa.

Ati: “Dusanzwe dukora ibikorwa binyuranye byo kuyibungabunga. Abo bakoramo ibitemewe, iyo bafashwe tunabereka ko hari amahirwe ayirimo ashobora kubageraho batagombeye kuyijyamo, tukabashishikariza kuyabyaza umusaruro.”

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-145353** cyo kuwa **11/06/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 1/03/08/04/984** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA GITARAGA MU KAGARI KA GITARAGA, UMURENGE WA MASAKA, AKARERE KA KICUKIRO, MU MUJYI WA KIGALI

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA KABIRI. | 16/07 kugeza 23/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA GATATU. | 25/07 kugeza 1/08 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: **674SQM²**
- UFITE AGACIRO KANGANA NA **59,934,701Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **2,996,735 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **14/07/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **07/07/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **15/07/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

Me Barahira MUDAHEMUKA Appointed Receiver Tel:0788854928 Johnson

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

INTARA Y'UBURASIRAZUBA
AKARERE KA KIREHE
UMURENGE WA GATORE

**ITANGAZO RY' ISOKO RIPIGANIRWA MU MURENGE WA GATORE**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gatore buramenyesha abantu bose babishaka kandi babishoboye , bafite ibyangombwa bibemerera gupiganira amasoko ya leta ko hari isoko butanze nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira

| No | NIMERO Y'ISOKO | IZINA RY'ISOKO | ITARIKI N'ISAHA YO GUTANGA DOSSIERS ZIPIGANIRA ISOKO | ITARIKI N'ISAHA YO GUFUNGURAHO AMABARUWA MU RUHAME | ICYIGUZI CY'IGITABO CY'ISOKO USHAKA GUPIGANIRA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | P000011/2026/2027/GATORE SECTOR | GUSANA INYUBAKO ZAGENEWE KUJYAMO IMASHINI YUMISHA IBINYAMPEKE | 03/08/2026 saa yine n'igice za mugitondo ( 10h30' ) | 03/08/2026 saa tanu za mugitondo ( 11h00' ) | 10,000 Rwf |

Abifuza gupiganira irisoko barasabwa kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza yipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa GATORE guhera tariki ya 17/07/2026 bakaza bitwaje inyemezabwishyu y'amafaranga adasubizwa yo kugura igitabo cy'ipiganwa agiye gupiganira nkuko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru. Binyuze mu imenyekanisha ( **Declaration** ) **muri system ya RRA** .Gusura ahazasanwa bizakorwa guhera ku itariki 20/07/2026-24/07/2026 bazajya basura nyuma ya sasita z'amanywa.
Amabahasha akubiyemo ibiciro by'abapiganwe azafungurirwa mu ruhame ku itariki n'isaha byavuzwe haruguru , mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Gatore.

Ibindi bisobanuro mwabaza m'Ubunyamabanga bw'Umurenge wa Gatore

Bikorewe I Gatore Kuwa 14/07/2026

**MANZI MURENZI Vincent**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa Gatore**

UMURENGE WA GATORE

*Po Box 51*
*KIBUNGO*
*Toll Free: 4137*
*TEL:0783382183*
*Web Site: www.kirehe.gov.rw*
*E-mail: gatoresector3@gmail.com*


# Muganga abaga umurwayi batari kumwe; aho u Rwanda rugeze mu ikorana buhanga mu buvuzi

KAMALIZA AGNES

***Abaturage bo mu Mudugudu wa Gitambuko, Akagari ka Kabatezi, Umurenge wa Jenda mu Karere ka Nyabihu, bavuga ko babangamiwe n'amapoto y'amashanyarazi ashaje amaze imyaka isaga 30, bakaba bafite impungenge ko ashobora kubagwaho cyangwa agateza impanuka zikomeye.***

Ni ikibazo bavuga ko kimaze igihe, aho basaba ko aya mapoto yasimbuzwa andi mashya kugira ngo babashe kubaho batekanye, cyane cyane ko amwe muri yo yegereye inzu zabo. Mukankuranga Donatille, umwe mu baturage batuye hafi y'ayo mapoto, avuga ko ubuzima bwabo burangwa n'ubwoba buri gihe, cyane cyane mu gihe cy'imvura n'umuyaga.

Yagize ati: "Aya mapoto ashaje cyane. Duhorana ubwoba ko umunsi umwe yagwa ku nzu zacu cyangwa agatuma insinga ziturika zigateza inkongi. Iyo imvura iguye nijoro ntitubasha gusinzira neza mu mutekano kuko duhora twiteguye guhunga igihe cyose twumva aya mapoto ashobora kugwa."

Nkundabatware na we agaragaza ko ikibazo kitareba gusa inzu zabo, ahubwo gishobora no gushyira ubuzima bw'abanyura muri aka gace mu kaga. Yagize ati: "Iyo amapoto aguye, insinga zisandarira mu nzira zinyuramo abaturage n'abana bajya cyangwa bava ku ishuri. Dufite impungenge ko igihe icyo ari cyo cyose habaho impanuka. Turasaba ko aya mapoto asimbuzwa kandi insinga zikimurirwa kure y'ingo z'abaturage."

Iki kibazo kivugwa mu gihe Akarere ka Nyabihu gakomeje kwagura ibikorwa byo kugeza amashanyarazi ku baturage. Imibare iheruka y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) igaragaza ko kugeza muri Nyakanga 2025; 79,6% by'ingo zo mu Karere ka Nyabihu zari zimaze kugerwaho n'amashanyarazi, haba ay'umuyoboro mugari n'akomoka ku mirasire y'izuba.

Nubwo aka Karere gakomeje gutera imbere muri uru rwego, ubuyobozi buvuga ko hakiri ibikorwa remezo bishaje, birimo amapoto amwe n'amwe, bikeneye kuvugururwa kugira ngo abaturage barusheho kugira umutekano. Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu, Mukandayisenga Antoinette, avuga ko iki kibazo bakizi kandi ko kiri mu byashyizwe imbere mu biganiro Akarere kagirana n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG).

Yagize ati: "Ni byo koko, hari ahantu hakigaragara amapoto ashaje ashobora guteza impanuka. Twabiganiriye na REG kandi iki kibazo kirazwi. Hari umushinga ugamije gukomeza kugeza amashanyarazi ku baturage no kuvugurura ibikorwa remezo bishaje birimo n'aya mapoto. Turizera ko mu minsi iri imbere kizaba cyarakemutse ku buryo abaturage babaho batekanye."

Umuyobozi wa REG Ishami rya Nyabihu, Eng. Mutsindashyaka Martin, na we yemeza ko gahunda yo kuvugurura aya mapoto yamaze gutegurwa. Yagize ati: "Ubu hari kompanyi yitwa EPC Kalisimbi yamaze gusinya amasezerano na EDCL yo gukora imirimo yo gusana no kuvugurura ibikorwa remezo by'amashanyarazi muri Nyabihu. Icyo tugiye gukora mbere ni ugusuzuma ahantu hose hagaragara amapoto ashobora gushyira abaturage mu kaga kugira ngo habe ari ho duhera dusana no



Ubuvuzi bwateye imbere ku buryo umuganga abaga umurwayi batari kumwe

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU**
B.P. 269 Kigali -
Website : http://www.cndp.org.rw
Twitter : @HumanRightsRW
Facebook : NCHR

CNDP - NCHR

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABABYIFUZA GUTANGA KANDIDATIRE KU MWANYA W'UBUKOMISERI MURI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU**

Hashingiwe ku Itegeko Nº 024/2026 ryo ku wa 11/06/2026 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, cyane cyane mu ngingo ya 15 n'iya 16;

Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, iramenyesha abantu ko hari imyanya 3 ikenewemo abakomiseri.

Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri iramenyesha abujuje ibisabwa baturuka mu nzego zivugwa hepfo, kuyishyikiriza dosiye za kandidatire zabo ku mwanya w'**Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu**.

Abakomiseri baturuka mu nzego zikurikira:

1) Muri sosiyete sivile, cyane cyane mu miryango itari iya Leta iharanira guteza imbere no kurengera Uburenganzira bwa Muntu ;
2) Mu mashuri makuru ya Leta n'ayigenga ;
3) Mu nzego za Leta ;
4) No mu nzego z'abikorera.

**I. Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

1) Kuba ari Umunyarwanda;
2) Kuba ari inyangamugayo;
3) Kuba afite ubunararibonye mu mirimo y'ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta ;
4) Kuba atarahamijwe burundu n'inkiko icyaha cya Jenoside, icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo ;
5) Kuba atarahamijwe burundu n'Inkiko ibyaha by'intambara cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu ;
6) Kandi atarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi 6 mu rubanza rwabaye ndakuka.

1 | Page

**II. Dosiye y'umukandida igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira :**

1) Ibaruwa itanga kandidatire ku mwanya w'ubukomiseri yandikiwe Perezida wa Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
2) Kopi y'indangamuntu;
3) Icyemezo cy'uko atakatiwe n'inkiko burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
4) Inyandiko Igaragaza umwirondoro (Curriculum vitae) ;
5) Kopi y'impamyabumenyi z'amashuli yize;
6) Icyemezo kigaragaza ubunararibonye mu mirimo y'Ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta ;
7) Icyemezo ahabwa n'uhagarariye rumwe mu nzego zavuzwe haruguru.

**III. Uko kandidatire itangwa**

Dosiye yo gutanga kandidatire igomba koherezwa bitarenze tariki ya 31/07/2026 saa kumi nimwe (17h00) kuri Email : commissioners.recruit@cndp.org.rw

Impamvu y'ubutumwa igomba kuba: *Gutanga kandidatire ku mwanya w'ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.*

Abakandida bazaba bujuje ibisabwa bazamenyeshwa igihe n'aho bazakorera ibiganiro.

Ku bindi bisobanuro byakenerwa, mwahamagara kuri telefone igendanwa 0788652930.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17/07/2026

**Dr. MULEEFU Alphonse**

**Perezida wa Komite**

CSCC/NCHR

2 | Page

# ITANGAZO RY'ISOKO

**UR - HG Ltd**
*University of Rwanda-Holdings Group Ltd*

**TENDER NOTICE**

**Title: Tender for the supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students**
**(Re-advertised).**

**Tender number: N$^{0}$ 06/G/2026/NCB/ UR-HG LTD**

**Source of funding : Generated Income**

UR-HG Ltd is a private limited company owned by University of Rwanda. Its mandate is to manage the income generating activities of UR in a cost-effective way. Their activities include clinical, dental, ophthalmology, imaging, and health & environmental related consultancies and research.

UR-HG LTD invites qualified bidders to bid for the tender for the **Supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students.**

The tender document showing the technical specifications of the bus to be supplied may be obtained from 8:00 am to 5:00 pm on any working day at UR-HG LTD (ex-KHI building), Procurement office at University of Rwanda, Nyarugenge Campus, next to Marriott Kigali Hotel, P.O Box. 7575 Kigali, Tel: 0787084134 upon presentation of a proof of payment of a non-refundable fee of Ten Thousand Rwandan Francs only **(10,000RWF)**to the Account N° 100003754922 in the name of UR-HG Ltd operational account opened at Bank of Kigali (BK).All bids shall be accompanied by a bid security from a recognized financial institution of **Seven Million Rwandan Francs (7,000,000 FRW).**

Well printed bids, properly bound and presented in three copies one of which is the original must reach at the address mentioned above not later than**5th August,2026 at 12:00pm prompt local time** and be deposited at the procurement office. Late bids will be rejected.

Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend in the UR- HG LTD board room, **the same day at 12:30pm**. The validity of the offers shall be 90 days from the date of opening of bids. The Outer envelope should clearly indicate the tender number and title.

Done at Kigali, on 14/07/2026

**MUGESERA Narcisse**
**Chief Executive Officer /UR-HG LTD**

# ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA** **Nyarugenge kuwa 10/07/2026**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA BUGESERA**
**UMURENGE WA NYARUGENGE**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ikigo nderabuzima cya NYARUGENGE giherereye mu karere ka Bugesera umurenge wa NYARUGENGE akagali ka KABUYE kirahamagarira ba Rwiyemezamirimo,abacuruzi cooperative n'abandi bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira amasoko akurikira:

- Isoko ryo gukora isuku n'umutekano mu kigonderabuzima cya Nyarugenge
- Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu biro by'ubunyamabanaga bw'i kigo nderabuzima cya NYARUGENGE uhereye kuwa **20/7/2026** kugeza **20/08/2026 kuva saa mbiri (08h:00) za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe (17h:00) z'umugoroba,** Icyo gitabo gihabwa umaze kwishyura amafaranga y'U Rwanda ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** adasubizwa,agashyirwa kuri konti **No: 4411102951 Ya Centre de Sante Nyarugenge iri muri Banki y'abaturage y' Urwanda.**
Gusura ahazakorerwa imirimo ni itegeko, kandi bizakorwa kuwa **15/07/2026** guhera saa tatu zuzuye kugeza saa tanu z'amanywa (09H00-11H00).

Dosiye z'ipiganwa zanditse neza mu bitabo bitatu (3), ibitabo bifunze neza kimwe ari umwimerere na kopi ebyiri, bigomba kuba byageze ku biro by'ubunyamabanga bw'ikigo nderabuzima, bitarenze kuwa **20/08/2026** saa yine (10h00)za mugitondo. Inyandiko zizaza nyuma y'isaha ntizizakirwa.
Gufungura amabahasha ni kuri uwo munsi **20/08/2026** saa yine n'iminota icumi (10h10') z'amanywa mu cyumba cy'inama cy'ikigo nderabuzima cya NYARUGENGE

Bikorewe i Nyarugenge kuwa **10/7/2026**

**BAYINGANA Gaetan**
Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Nyarugenge

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA

MINISITERI Y'UBUREZI
INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE

SAINT MARY'S HIGH SCHOOL KIRUHURA
TEL: 0788464864 /0788228739

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO N$^{O}$ …/2026/2027

IZINA RY'ISOKO: **KUGEMURA IBIRIBWA, INKWI IBIKORESHO BY'ISUKU N'IBYO MU BIRO. IBIKORESHO BY'UBWUBATSI N'IBYO MURI QUINCAILLERIE IGIHEMBWE CYA MBERE UMWAKA W'AMASHURI 2026-2027**

UBUYOBOZI BWA SAINT **MARY'S HIGH SCHOOL KIRUHURA** RIHEREREYE MU KAGARI KA KIRUHURA, UMURENGE WA RUSATIRA, AKARERE KA HUYE; MU NTARA Y'AMAJYEPFO BURAHAMAGARIRA ABACURUZI, AMASOSIYETI N'AMAKOPERATIVE BABYIFUZA KANDI BABIFITIYE UBUSHOBOZI KUZA GUPIGANIRA ISOKO RY' « **IBIRIBWA, INKWI ,IBIKORESHO BY'ISUKU N'IBYO MU BIRO. IBIKORESHO BY'UBWUBATSI N'IBYO MURI QUINCAILLERIE** UMWAKA W'AMASHURI 2026-2027 IGIHEMBWE CYA MBERE.ABIFUZA GUPIGANIRA IRYO SOKO KANDI BABIFITIYE UBUSHOBOZI N'IBYANGOMBWA BASHOBORA KUZA GUFATA IBITABO BIKUBIYEMO AMABWIRIZA AGENGA IPIGANWA MU BIRO BY'UMUNYAMABANGA W'IRYO SHURI, GUHERA TARIKI YA 22/07/2026. NYUMA YO KWISHYURA AMAFARANGA IBIHUMBI BITANU KURI KONTI YA RRA . AMABAHASHA AFUNZE NEZA KANDI ARIMO IBITABO BITATU (UMWIMERERE NA KOPI 2), BIFUNGIYE MU IBAHASHA IMWE, AGOMBA KUBA YAGEZE MU BUNYAMABANGA BW'IRYO SHURI BITARENZE TARIKI YA 17/08/2026 SAA YINE (10H00') ZA MU GITONDO.GUFUNGURA AYO MABAHASHA BIZAKORWA KURI UWO MUNSI, TARIKI YA 17/08/2026 SAA YINE N'IGICE (10H30') ZA MU GITONDO MU CYUMBA CY'INAMA CY'IRYO SHURI.

BIKOREWE I KIRUHURA KUWA 16/07/2026

Sœur MUKAMBAYIRE Liberata
Umuyobozi wa Saint Mary's High School Kiruhura

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

**RWANDA GAMING CORPORATION LTD**
**(in Liquidation)**
**KIGALI-RWANDA**

**14th July 2026**

### *PUBLIC NOTICE ON LIQUIDATION OF RWANDA GAMING CORPORATION LTD*

Pursuant to the consolidated Special Shareholders' Resolution to liquidate Rwanda Gaming Corporation Ltd (RGC) taken on the 14th of April 2026

Referring to Article 191 of the Law N° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies;

Referring to Article 106 of law n° 075/2021 of 06/12/2021 relating to insolvency;

**NOTICE IS HEREBY GIVEN** that Rwanda Gaming Corporation Ltd has been placed into voluntary liquidation in accordance with the applicable provisions of the law. The appointed liquidator is **Mr. Emmanuel BUTARE**, a Licensed Insolvency Practitioner with physical address being c/o MRB Attorneys, KG 268 ST 1, Nyarutarama, Kigali, Rwanda. Liquidation commenced on 9th July 2026 upon acceptance of the appointment by the Shareholders as a Liquidator.

We hereby call upon all creditors (individuals and corporates) of RGC to submit their claims against the company, together with supporting documents to **Mr. Emmanuel BUTARE, Address: KG 286 Street 1, Nyarutarama, Kigali City; Tel: +250788302605, or by Email: rgcliquidator@gmail.com not later than 31st July, 2026 at 5:00PM**.

The General Meeting of all creditors shall be held on **6th August 2026, 3pm**, at the above address.

**Emmanuel Butare**

**Appointed Liquidator**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA MUHANGA**
**UMURENGE WA KIYUMBA**
**KIYUMBA TSS**
**Email:** kiyumbatvet@gmail.com
**Tel:** 0788567151 / 0784969910

Kiyumba, kuwa 14 Nyakanga 2026

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri ryigisha tekinike, imyuga n'ubumenyingiro rya KIYUMBA (KIYUMBA TSS), rikorera mu murenge wa KIYUMBA, mu karere ka MUHANGA, mu ntara y'AMAJYEPFO, bufatanyije n'akanama gatanga amasoko buramenyesha ba rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko y'igihembwe cya mbere umwaka w'amashuri 2026–2027. Ayo masoko ari mu buryo bukurikira:

1. **KUGURA NO KUGEMURA IBIRIBWA BIRAMBA BY'ABANYESHURI.**
2. **KUGURA NO KUGEMURA IBIRIBWA BITARAMBA BY'ABANYESHURI.**
3. **KUGURA NO KUGEMURA IBIKORESHO BYO MU BIRO MU GIKONI N'ISUKU.**

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri, kuva taliki ya **14/07/2026**, guhera saa tatu za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba mu minsi y'akazi. Nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw) adasubizwa kuri buri gitabo cy'ipiganwa, kuri konti N°: **441463954410183 ya KIYUMBA TVET School iri muri BPR.**

Inyandiko z'ipiganwa ry' isoko zanditse neza ku mashini zikoze mu buryo bw' igitabo zigizwe n' amakopi ane harimo n' umwimerere, bifungiye mu ibahasha imwe nini yanditseho izina ry' isoko wifuza gupiganirwa bigomba kuba byageze mu bunyamabanga bw' ikigo bitarenze taliki ya **24/07/2026** i saa yine za mu gitondo (**10h00**).
Gufungura amabaruwa mu ruhame bizakorwa kuri uwo munsi tarliki ya **24/07/2026** i saa yine n'igice za mu gitondo (**10h30**) mu cyumba mberabyombi cy'ishuri rya KIYUMBA TSS.
Kubindi bisobanuro wabaza kuri nimero ya telefoni: **0788567151 / 0784969910.**

Bikorewe i Kiyumba tariki ya 14/07/2026.

**NGABOYAMAHINA Eraste**
Umuyobozi wa Kiyumba TSS

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'UBUJURIRE**

**ITEGEKO N° 001/2026/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itandatu, umunsi wa 09 w'ukwezi kwa Nyakanga;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA François Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko iburanisha ry'urubanza **N° RS/INJUST/RP 00001/2024/CA**, haburana **Ubushinjacyaha na NSABIMANA Marcel** ryari riteganyijwe ku wa **03/07/2026** ryimuriwe ku wa **15/09/2026 saa tatu (9H00)**;

Tumaze kubona ko **NSABIMANA Marcel** atakiboneka mu Mudugudu wa Bwimo, Akagali ka Nyamweru, Umurenge wa Kanyinya, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, aho yabarizwaga mu Rwanda;

Dushingiye ku ngingo ya 102 n'iya 103, z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Dutegetse ko ihamagara rya **NSABIMANA Marcel**, rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ubujurire.

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

| Sé | Sé |
|---|---|
| **RUKUNDAKUVUGA François Régis** | **UWANTEGE Yvette** |
| **Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire** | **Umwanditsi Mukuru** |

Copie certifiée conforme à l'originale
Greffier UWASE
le 18/07/2026

## ITANGAZO RY'ISOKO

GSO BUTARE (INDATWA N'INKESHA)

**P.O Box 223 BUTARE**
**E-mail: gsobutare1929@gmail.com**
**Website: www.gsobindatwa.com**

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya GSO Butare riherereye mu ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Huye, buramenyesha abantu bose babyifuza ko bushaka gutanga isoko ryo kugemura ibiribwa, ibikoresho byo mu biro n'iby'isuku bizakoreshwa mu mwaka w'amashuri 2026/2027. Ipiganwa rireba ba Rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa bisabwa mu ipiganwa ry'amasoko ya Leta kandi bafite uburambe muri ako kazi.

Igitabo gikubiyemo iryo soko ku buryo burambuye, kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri rya GSO Butare mu masaha y'akazi guhera tariki ya **7/7/2026**, herekanywe icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** kuri konti ya **RRA unyuze mu Irembo**. Amabahasha afunze neza arimo dosiye y'umwimerere na kopi yayo isaba gupiganira iryo soko, agomba kuba yageze mu bunyamabaga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya **6/8/2026** saa munani (14h00).

Bikorewe i Huye ku wa 7/7/2026

**Umuyobozi wa G.S.O Butare (Indatwa n'Inkesha)**
**Padiri HAKIZIMANA Charles**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ECOLE SECONDAIRE SAINT JEAN BOSCO DE SIMBI**
**DISTRICT DE HUYE**
**SECTEUR DE SIMBI**

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye Saint Jean Bosco de Simbi bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ibyangombwa, babyifuza kandi babishoboye ko bashaka gutanga isoko ryo kugemura ibiribwa by'abanyeshuri by'igihembwe cya mbere umwaka w'amashuri 2026/2027, ayo masoko ni aya akurikira :

- LOT 1 : UMUCERI
- LOT 2 : KAWUNGA
- LOT 3 : ISUKARI, UMUNYU, AMAVUTA, IFARINI N'IFU Y'IGIKOMA
- LOT 4 : IBISHYIMBO, IMYUMBATI, IBIJUMBA, IFU Y'UBUGARI NA SAUCE TOMATE
- LOT 5 :IBIKORESHO BYO MU BIRO N'IBINDI
- LOT 6 : INKWI ZO GUCANA

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iryo soko kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri kuva tariki ya 13/07/2026 werekanye urupapuro wishyuriyeho amafaranga angana n'ibihumbi icumi(10,000Frw) kuri buri Lot adasubizwa ashyirwa kuri compte ya RRA (Rwanda Revenue Authority)

Amabaruwa y'ipiganwa agomba kugezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze tariki ya 10/08/2026 saa yine za mu gitondo (10h00).Gufungura mu ruhame bizaba kuri iyo tariki saa yine n'igice za mu gitondo (10h30)

Bikorewe i Simbi ku wa 08/07/2026

NIZEYIMANA Jean Damascene
Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA**
**Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**DIOCESE YA BUTARE**
**AKARERE KA NYANZA**

**ECOLE DES SCIENCES**
**SAINT LOUIS DE MONTFORT NYANZA**

**B.P: 30 NYANZA**
**Email: esclmnyanza@gmail.com**
**Tel: 0788761021// 0791489490 // 0788598235**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RY'IGIHEMBWE CYA MBERE 2026/2027**

Ubuyobozi bw'ishuri rya **ECOLE DES SCIENCES SAINT LOUIS DE MONTFORT NYANZA** riherereye mu murenge wa Busasamana, Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo ; burahamagarira ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko **ry'ibiribwa bidahunikwa (Lot 1), Impuzankano (imipira y'imbeho na T-Shirt by'abanyeshuri n'imyenda y'abakozi)** by'igihembwe cya mbere 2026-2027. Abifuza gupiganira iryo soko basabwe kuza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'umunyamabanga w'iryo shuri mu masaha y'akazi, guhera tariki ya **14/07/2026** kugeza tariki ya **14/08/2026**, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda **(5,000Frw)** adasubizwa kuri konti y'ishuri no **100000429575** muri Banki ya Kigali (BK). Amabahasha afunze neza kandi arimo ibitabo bine (umwimerere na kopi 3), bifungiye mu ibahasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya **14/08/2026 saa yine (10h00)** za mugitondo. Gufungura ayo mabahasha bizakorwa kuri uwo munsi, tariki ya **14/08/2026 saa yine n'igice (10h30)** za mu gitondo mu cyumba cy'inama cy'iryo shuri.

Bikorewe i Nyanza kuwa 14/07/2026.

**Padiri Egide NIYOMUGABO**

**Umuyobozi w'ishuri**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-152023** cyo kuwa **18/06/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 1/03/10/02/2442** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA RUNYONZA MU KAGARI KA NONKO, UMURENGE WA NYARUGUNGA, AKARERE KA KICUKIRO, MU MUJYI WA KIGALI

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA MBERE. | 17/07 kugeza 24/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA KABIRI. | 26/07 kugeza 2/08 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA GATATU. | 4/08 kugeza 11/08 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: **827SQM²**
- UFITE AGACIRO KANGANA NA **225,344,522Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **11,267,226 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **17/07/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **17/07/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **7/07/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

# Ubwitabire butangaje: Ishusho y'Igitaramo cya Iwacu Muzika Festival i Nyagatare



Tom Close utaherukaga ku rubyiniro yongeye kwerekana ko ibigwi bye bitigeze byibagirana



Kenny Sol akomeje kwigarurira igikundiro muri ibi bitaramo by'umwihariko mu ndirimbo 'Haje Gushya'.



Chriss Eazy ukunzwe cyane muri iyi myaka ni we washyize akadomo kuri iki gitaramo

**MICOMYIZA BALINDA Fidele**

***Igitaramo cya Iwacu Muzika Festival 2026 kimaze iminsi kizenguruka mu Turere twa Huye, Ngoma, Muhanga ndetse na Karongi kuri uyu wa 18 Nyakanga 2026, cyabereye mu Karere ka Nyagatare kuri Stade y'aka Karere aho cyitabiriwe ku bwinshi, n'abiganjemo urubyiruko baje kwihera ijisho abahanzi umunani bihebeye.***

**Uko Igitaramo cyagenze**

Iwacu Muzika Festival imaze kumenyerwaho no kugaragaza impano zibarizwa mu Karere igiye kuberamo no guha urubuga rwihariye abafite ubumuga aha ni ho Gonze na Bruno Master baziyemo.

Abahanzi bakuru uko ari umunani bakomeje gususurutsa abitabiriye, ndetse hari hategerejwe Tom Close nk'umuhanzi watwaye PGGSS ku nshuro ya mbere, ngo aze gususurutsa abitabiriye iki gitaramo.

Habanje Amalon aririmba izirimo 'Impunzi', 'n'Imana','Derila', 'Byakubaho', 'Nyirabasare' n'izindi.

Ross Kana ni we wakurikiyeho ku rubyiniro aho yasusurukije abitabiriye iki gitaramo mu ndirimbo zirimo, 'Molela', 'Fou De Toi', n'izindi.

Marina, mu ikamba ry'Abamikazi, yaje yambaye yasusurukije abitabiriye mu ndirimbo zirimo 'Paje' yakoze mu mezi 7 ashize, 'Do Me' yakoranye na Queen Cha mu 2025,

Kivumbi King, ukomeje kugaragaza ko yigaruriye igikundiro cy'abakunzi b'umuziki yaririmbiye izirimo 'Wait' yakoranye na Axon, 'Ituze' n'izindi.

Bushali yahise aza aherekejwe na Cancadem wakomeje kumuherekeza muri ibi bitaramo, mu ndirimbo 'Nituebwe', yakomereje ku zindi zirimo, 'ZEZEZE', 'Umwirabura', 'Kamwe', yahuriyemo n'abarimo Social Mula, Kenny Sol, Davis D, Bull Dogg, B-Threy, Khalfan, Confy, Alyn Sano, Li john na Papa Cyangwe n'izindi

Kenny Sol yahise ahamagarwa ku rubyiniro azamukira mu ndirimbo 'Haso', yakomereje ku 'Ikinyafu' yakoranye na Bruce Melody, 'Igitangaza', 'Jolie', 'Umurego', 'Phenomena', 'Molomita' yakoranye na Nel Ngabo na Gad. Yaririmbye 'Haje Gushya' indirimbo utareka kuvuga ko ahantu hose ibi bitaramo byanyuze yazamuye mu kirere abakunzi b'umuziki.

Tom Close watwaye Primus Guma Guma Super Star (PGGSS) bwa mbere mu 2011 yari ageze ku rubyiniro nka gahunda yo kugarura umuhanzi wayitwaye kuri buri Karere kagezemo ibi bitaramo.

Yinjiriye mu ndirimbo "Igikomere" yakoranye na Bull dog mu myaka 8 ishize, abakunzi be bamwereka ko bari bamukumbuye ariko ageze kuri "Ndacyagukunda" yakoze mu myaka 16 ishize abakunzi be bakomeza kuyiririmba bamwereka ko bakimukunda, yakomereje kuri "Sinzigera Nkureka" na yo imaze imyaka 16 isohotse abakunzi be bakomeza kuririmbana na we, bati ni yo wambwira ngo ngende sinzigera nkureka."

Byabaye ibindibindi ubwo Tom Close yageraga ku ndirimbo "Thank You" yakoranye na The Ben mu myaka 8 ishize, abakunzi be barasimbuka bishimiye cyane kuba uyu muhanzi yagarutse.

Davis D Shine Boy yazamukiye mu ndirimbo "Biryogo" akomereza ku "Ifarasi", "Micro", "Dede" maze Bushali na Kankadem bamusanze ku rubyiniro baza kumushyigikira mu ndirimbo bakoranye 'Bermuda'.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague akangurira urubyiruko kwirinda inzoga z'inkorano.

Chriss Eazy yaje gushyira akadomo ku gitaramo cya Iwacu Muzika Festival, mu ndirimbo 'Sambolera' akomereza kuri 'Bana', 'Jugumila', 'Sambolela', 'Chocolate', ageze hagati yakiriye ku rubyiniro Utta Nice baririmbanye "My Mind" n'abakunzi b'umuziki bafatanya na bo kuyiririmba kugeza saa tatu z'ijoro ubwo Chriss Eazy wari umuhanzi wa nyuma yasoje indirimbo ze, maze igitaramo kirangira gityo.

# Rayon Sports y'abakinnyi bashya yatsinze Gor Mahia ku Munsi w'Igikundiro



Ku Munsi w'Igikundiro, Rayon Sports yatsinze Gor Mahia yo muri Kenya ibitego 2-0

**SHEMA Ivan**

***Ku Munsi wayo w'Igikundiro, Rayon Sports yiganjemo abakinnyi bashya yatsinze Gor Mahia yo muri Kenya ibitego 2-0 mu mukino wa gishuti wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo ku wa Gatandatu, tariki ya 18 Nyakanga 2026.***

Ni umukino wari witabiriwe n'abafana benshi, ni wo wasoje ibirori bya Rayon Sports Day yaranzwe na byinshi bitandukanye birimo kwerekana abakinnyi Gikundiro izakoresha mu mwaka w'imikino mushya wa 2026/27.

Ni ibitego byatsinzwe na Atisso Kodjo ku munota wa 45+3' ku mupira yahawe na Nizeyimana Mubarak, acenga umunyezamu wa Gor Mahia wari wasohotse nabi ahita awushyira mu izamu.

Ku munota wa 90+4' Ndikumana Fabio yatsinze igitego cya kabiri ku mupira rutahizamu Junior Kameni yakinnye neza, awumuhaye awushyira mu rushundura.

Rayon Sports yashyirikirijwe Igikombe cy'Umunsi wayo w'Igikundiro cya 2026 ndetse ihagarika urugendo rw'imyaka itanu yari imaze idatsinda ku munsi wayo dore ko yaherukaga intsinzi yo kuri uyu munsi mu 2019 ubwo yatsindaga Gasogi United ibitego 3-1.

Nyuma y'uyu mukino, Rayon Sports itegerejwe muri CECAFA Kagame Cup 2026, aho izakina umukino wa mbere na KVZ yo muri Zanzibar, mu mukino uteganyijwe tariki ya 26 Nyakanga 2026 muri Stade Amahoro.

Abakinnyi babanje mu kibuga ku mpande zombi

**Rayon Sports**

Dande Junior, Nshimiyimana Emmanuel, Ganijuru Elie, Charles Tchouplaou, Matumona Wakonda, Ibrahim Djingarey, Muderi Akbar, Issa Djiguiba, Nizeyimana Mubarak, Atisso Kodjo na Boris Gbenou.

**Gor Mahia:**

Bryne Omondi, Paul Ochuoga, Mike Evans Kibwage, Sylvester Owino, Bryton Onyona, Lawrence Juma

Alpha Onyango, Jackson Dwang, Ebenezer Adu-Kwaw, Ben Stanley Omondi na Hansel Ochieng

# U Rwanda mu bufatanye na Aston Villa bwo kwamamaza ubukerarugendo




U Rwanda rukomeje kumenyekana binyuze muri gahunda ya Visit Rwanda

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangiye ubufatanye n'Ikipe ya Aston Villa yo mu cyiciro cya mbere muri shampiyona yo mu Bwongereza agamije kwamamaza ubukerarugendo binyuze muri gahunda ya Visit Rwanda ku myambaro yayo.***

Ni amakuru yemejwe n'ubuyobozi bw'iyo kipe aho bwavuze ko ari amasezerano azagira uruhare mu bikorwa by'iterambere. Umuyobozi ushinzwe ibikorwa by'ubucuruzi muri Aston Villa, Francesco Calvo yahawe inshingano zo kongera abafatanyabikorwa b'iyo kipe muri Nyakanga 2025 ndetse yemeje ko Visit Rwanda izatangira kwamamazwa muri iyi mpeshyi.

Muri iyi mpeshyi kandi yasabwaga by'umwihariko kubona umuterankunga uzajya ugaragara ku myambaro y'ikipe imbere. Aston Villa yiyongereye mu makipe yo ku mugabane w'u Burayi asanzwe yamamaza ubukerarugendo binyuze muri gahunda ya Visit Rwanda arimo Paris Saint Germain yo mu Bufaransa na Atletico Madrid yo muri Espagne.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe kumenyekanisha ubukerarugendo bushingiye ku nama, RCB (Rwanda Convention Bureau), Janet Karemera yavuze ko bahisemo gukora na Aston Villa kugira ngo bagere ku bandi bantu benshi mu Bwongereza.

Ati: "Nyuma y'imyaka umunani twubaka izina ry'u Rwanda no kurumenyekanisha mu Bwongereza, kimwe mu bihugu by'ingenzi biturukamo ba mukerarugendo basura u Rwanda, twishimiye gukorana na Aston Villa kugira ngo tugere ku bandi bantu benshi mu Bwongereza, mu Burayi no hirya no hino ku isi. Binyuze muri ubu bufatanye, turifuza kurushaho kwegera abifuza gusura u Rwanda, haba ku mpamvu z'ubukerarugendo, gushora imari cyangwa kwitabira inama n'ibirori mpuzamahanga, ari na ko tugira uruhare mu iterambere rirambye ry'umupira w'amaguru mu Rwanda."

Muri Kamena 2026, Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwatangiye gushaka ibigo by'ubucuruzi bishobora kwamamaza gahunda ya Visit Rwanda mu bihugu bitandukanye ku mugabane w'i Burayi.

RDB yatangaje ko iki gikorwa kizakorwa binyuze mu bufatanye na Ambasade y'u Rwanda mu Bufaransa na Luxembourg.

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara na Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda, tariki ya 9 Kamena 2026, ryaragaje ko ibigo bizatoranywa bizaba bifite inshingano yo kwamamaza Visit Rwanda mu bihugu birimo u Bufaransa, Luxembourg, Monaco, Espagne, u Butaliyani na Portugal.

U Rwanda rwatangiye iyi gahunda yo kumenyekanisha ubukerarugendo bwarwo ku ruhando mpuzamahanga ruhereye kuri Arsenal mu 2018 kandi byagiye bitanga umusaruro.

Visit Rwanda ikomeje kwagura ibikorwa byayo ku ruhando mpuzamahanga binyuze mu gufatanya n'amakipe akomeye ku mugabane w'u Burayi no muri Amerika, bijyanirana n'ubundi bukangurambaga bugamije kumenyekanisha amahirwe y'ishoramari ari mu Rwanda.

Muri Nzeri 2025 ni bwo u Rwanda rwasinye amasezerano y'imikoranire na Los Angeles Clippers ikina NBA na Los Angeles Rams yo muri NFL, birugira igihugu cya mbere cya Afurika kibaye umufatanyabikorwa n'amakipe yo muri Amerika.

Raporo y'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere RBD, yagaragaje ko ubukerarugendo bw'u Rwanda mu 2025 bwinjije arenga miliyoni 685 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyari 880 Frw). Aya mafaranga yiyongereyeho miliyoni 38 z'amadolari ugereranyije na miliyoni 647 z'amadolari yinjijwe mu mwaka wa 2024.

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-67 TARIKI 14-20 NYAKANGA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Espagne yegukanye Igikombe cy'Isi cya 2026 itsinze Argentine



**Espagne yegukanye Igikombe cy'Isi cya 2026**



**Kapiteni wa Espagne, Rodri, yatowe nk'umukinnyi mwiza w'Igikombe cy'Isi cya 2026, ahabwa umupira wa zahabu**

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu ya Espagne yegukanye Igikombe cy'Isi cya 2026 cyabereye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Canada na Mexico, nyuma yo gutsinda Argentine igitego 1-0 mu mukino wakinwe iminota 120 ku Cyumweru, tariki ya 19 Nyakanga 2026.***

Ni umukino wabereye kuri MetLife Stadium witabirwa n'abarimo Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald Trump, umugore Melania Trump, Perezida wa FIFA Gianni Infantino n'abandi batandukanye.

Ni umukino watangiye wihuta ku mpande zombi buri kipe igerageza kurema uburyo bwo gutsinda igitego, ariko umupira wihariwe n'abakinnyi ba Espagne bahererekanyaga cyane mu kibuga hagati ishaka kwinjira mu rubuga rw'amahina rwa Argentine. Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa.

Bwa mbere kuva mu 1966, Argentine yasoje igice cya mbere cy'umukino w'Igikombe cy'Isi idateye mu izamu mu gihe amashoti atatu yabonetse mu mukino, ari yo make yabonetse mu gice cya mbere cy'umukino wa nyuma kuva mu 1966.

Mu igice cya kabiri, Espagne yakomeje gusatira cyane ishaka gufungura amazamu ariko ikagorwa n'umunyezamu wa Argentine, Emiliano Martínez, wakuyemo imipira 10 yabazwe.




**Lamine Yamal ahoberana na Lionel Messi nyuma y'umukino**

Ku munota wa 90+3, Argentine yasigaye ari abakinnyi 10 nyuma y'uko Enzo Fernandez yeretswe ikarita y'umuhondo yavuyemo itukura ku ikosa yakoreye Pau Cubarsi.

Iminota 90 isanzwe y'umukino yarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa, hitabazwa iminota 30 y'inyongera.

Byasabye gutegereza ku munota 106' kugira ngo Espagne ifungure amazamu ku gitego cyatsinzwe na Ferran Torres ku ishoti rikomeye yatereye mu rubuga rw'amahina.

Iki gitego cyatumye Ferran Torres aba umukinnyi wa kabiri winjiye mu kibuga asimbuye agatsinda igitego cy'intsinzi ku mukino wa nyuma w'Igikombe cy'Isi. Byaherukaga mu 2014, bikorwa na Mario Götze ubwo u Budage bwatsindaga Argentine.

Umukino warangiye Espagne itsinze Argentine igitego 1-0 yegukana Igikombe cy'Isi cya 2026 cyakinwe ku nshuro ya 23.

Ni igikombe cya kabiri iki gihugu cyegukanye, nyuma y'icyo mu 2010 yatwaye itsinze u Buholandi igitego 1-0 cyinjijwe na Andrés Iniesta ubwo iri rushanwa ryari ryabereye muri Afurika y'Epfo.

Iki gikombe Espagne yatwaye cyaherekejwe na miliyoni 50 z'amadolari y'Amerika (asaga miliyari 66 z'amafaranga y'u Rwanda).

Argentine ya kabiri yahawe miliyoni miliyoni 33 z'amadolarinya Amerika, u Bwongereza bwa gatatu bwahawe miliyoni 29 z'amadolari mu gihe u Bufaransa bwasoreje ku mwanya wa kane bwahawe miliyoni 27 z'amadolari ya Amerika.

Myugariro Pau Cubarsi wa Espagne, w'imyaka 19 ni we wabaye umukinnyi muto w'irushanwa naho Unai Simon wa Espagne usanzwe akinira Athletic Club ni we munyezamu w'irushanwa nyuma yo kwinjizwa igitego kimwe mu Gikombe cy'Isi.

Kapiteni wa Espagne Rodri usanzwe ukinira Manchester City yo mu Bwongereza, ni we wahembwe nk'umukinnyi w'irushanwa ry'Igikombe cy'Isi mu gihe Umufaransa Kylian Mbappé ari we wahawe urukweto rwa zahabu nyuma yo gusoza irushanwa afite ibitego byinshi (10), arusha Lionel Messi ibitego bibiri dore ko we afite 8.

Kylian Mbappé yasoje irushanwa ashyizeho agahigo ko gutsinda ibitego byinshi mu mateka y'Igikombe cy'Isi (22) arusha kimwe Lionel Messi wari ufite agahigo n'ibitego 21.